# Isenyuka Ry'Isi

Jeffersonville, Indiana, USA

13 Ukuboza 1962

1 Murakoze cyane, Mwene Data Neville. Mwaramutse, Nshuti zanjye. Nagiye kuryama muri iki gitondo ku masaha yo kubyukiraho, noneho narinaniwe. Niyo mpamvu naje bitunguranye, Mwene Data Shakarian, umuntu wo muri Full Gospel Business Men, perezida w'uyu muryango, umugore we yari arembejwe n'uburwayi, kandi uko... Nuko atwarwa kwa muganga. Kandi mu kumufasha...

Niba muzi Morpheus cyari ikigirwamana cy'abapagani b'Abaroma, imana y'ibitotsi. Noneho muranyihanganira gato kubera umuhogo wanjye usaraye muri iki gitondo, kandi ndibugerageze kutabatinza cyane.

2 Intego yanjye yo kugira amateraniro muri iki gitondo byari ukubera ko… Atari abantu. Icyumweru gitaha nari kuzatanga ubutumwa bwanjye bwa Noheri, ariko mbikoze, noneho bishobora gutuma abantu bava hanze y'umugi baza, ahari hari uko byabangamira Noheri yabo, murabizi, mu gusubirayo. Kandi uko niko natekereje ngo ahari byaba ari byiza ko duteranira hamwe maze tugahimbaza Umwami iki gitondo muri ubu buryo ku ruhare rwanjye kubw'amateraniro ya Noheri. Kandi noneho ku Cyumweru gitaha mushobora kuba mu... Niba mutuye kure, mushobora kuba muri ku nsengero zanyu aho mwaba muturuka hose, cyangwa ikindi mwakwifuza gukora.

3 Kandi ndashaka gushimira mwene Data kubw'iriya ndirimbo nziza. Ninjiye ari nkaho yarimo iririmbwa. Ibyo nibyiza nyakuri. Kandi igihe cyose najyaga numva umugore wanjye n'abandi bose bavuga kubijyanye no kuririmba kwa mwene Data, kandi nagize amahirwe yo kumwumva aririmba njyewe ubwanjye, kure y'Urusengero. Noneho, Ese ibyo si ikintu? Mwene Data hano ku Rusengero, byasambye ko njya iyo muri Shreveport, Louisiana, kujya kumva indirimbo ye ya mbere. Mbega ukuntu ari ibintu bidasanzwe, Ese siko biri?

Kandi noneho twatekereje ko ahari gukora ibi, bizaduha akanya mu guhurira hamwe kwacu. Kandi noneho nanone imihanda imeze nabi. Ndibaza niba Mwene Data na Mushiki wacu Dauch bashoboye kuva Ohio. Niba babashije kumanuka? Ese muri he, Mwene Data Dauch? Yego, yego. Narimo nibaza. Ese mwagize urubura rwinshi haruguru hariya? Nibyo. Nuko, rero, ntarwo bigeze bagira muri Cincinnati. Nta nubwo bafite nk'uru ruri hano. Nta n'urubura bafite na gato. Kandi inshuro ya mbere nabwirije muri Cincinnati yari ejo hashize, kandi twagize umunsi ukomeye, kandi ikindi giterane ntabwo cyari cyamara umwaka, kandi yari amateraniro meza, abantu bamwe beza. Twishimiye ubusabane. Noneho barampamagaye ubu ngo nzajye muri Columbus ejo kubw'ikindi giterane cyo kwegurira Imana, cyangwa amateraniro, ayo Mwene Data Shakarian arimo ateganya kugira, ariko... Kandi ibyo ngomba kubanza kubisengera.

4 Ngomba kujya Phoenix nyuma y'ibingibi, murazi, kandi dufite… Twatangiriye muri Phoenix kuri cumi n'ebyiri, aza ari uguhura kw'Abacuruzi. Kandi ntabwo nzi neza aho bizabera. Ndatekereza ko ari kuri Ramada. Bizabera kuri Ramada. Iteraniro ry'Abacuruzi bagira uko guhura ko ku ifunguro rya mugitondo guhoraho aho. Kandi Kucyumweru nzatangira, ndetse Kucyumweru, nko mu minsi cumi n'ibiri aho hose nko muri Maricopa Valley, Phoenix, Tucson. Hanyuma mfite umusangiro Kuwambere nimugoroba, uwo wa Mbere ukurikiyeho nimugoroba, muri Tucson umusangiro hamwe n'ababwiriza na Full Gospel Business Men aho muri Tucson. Kandi noneho nyuma twongere tugaruke muri Phoenix, ndetse ndatekereza ko ari Glendale n'ahandi hantu hatandukanye. Kandi noneho igiterane kizatangira kuri makumyabiri... Ni ibiki, Mwene Data Fred? Ese urabyibuka gusa... Kuri makumyabiri n'enye, makumyabiri n'enye gukomeza makumyabiri n'umunani cyangwa makumyabiri n'icyenda, bamwe aho. Kandi noneho, Umwami nabishaka, nzagaruka mu rugo. Tuzareba uko bizaba bimeze hano, turebe kubijyanye n'Ibimenyetso Birindwi cyangwa kuva kuri icyo gihe gukomeza, tuzareba aho twakerekera tuvuye aho.

5 Noneho, ndibwira ko umuntu yambwiye ko dufite abana bato hano muri iki gitondo bo kwegurira Imana. Ese ibyo niko biri? Ese hari ababyeyi bafite abana bo kwegurira Imana, ikintu Doc yambwiye. Rero, ahari nibeshye. Oh, yego, yego. Yego, mugabo, aba. Nta kibazo, ese byashoboka bashiki bacu cyangwa bene Data ko muzana abo bantu bato hano hejuru? Urakoze, mushiki wacu.

Ndatekereza ko iki aricyo gihe cyiza cyo kuzana abana; ni Noheri. Mwene Data Neville, ese wabikora? Ubu, mu gihe aba bakundwa barimo kuzana abana babo bato muri iki gitondo, ni ibyo gusa…

Noneho, abantu benshi mu nsengero nyinshi, niba hari uwari uhari muri cya giterane ejo hashize, uburyo Mwene Data Brown, Umwangilikani yuzuye Umwuka Wera asaba imbabazi abizera b'Abapantekote kubwo kubatiza abana. Koko yavuze uko yagombaga kubikora, noneho Abangilikani babatiza binyuze mu gutonyangiriza amazi ku gahanga, ibyo bita kubatiza. Kandi "kubatiza" kuri njye, bisobanuye "kwibizwa, kujya munsi, guhambwa."

6 Kandi… Ariko benshi muri bo barabikora. Ibyo ni ibya kera… Ubwo ni uburyo nyakuri bwavuye muri kiliziya Gaturika, kandi buza kwinjizwa mu Bametodiste n'Abangirikani, Abaluteriyani kandi n'abandi benshi bakora nk'ibyo. Abametodiste barabikora. Iyo niyo nkomoko yo gutandukana kw'Abametodiste n'Aba

Nazareye, ni umubatizo w'abana. Abanazareye ni Abametodiste kuri buri jambo, usibye gusa umubatizo w'abana, kandi iyo niyo mpamvu basohotse.

Church of Christ ni Itorero rya Gikristo, kuri buri kintu uretse imiziki mu rusengero. Ndetse nko, oh, kuri utwo tuntu duto utwo batandukaniraho maze bigasenya ubusabane bwa bene Data n'ibindi. Twe turi umwe muri Kristo Yesu, binyuze… Ntabwo wakwiyunga ku itorero. Wiyunga ku nzu yo kuraramo, ariko ntabwo wakwiyunga ku itorero. Ni ukuvuka k'umwuka. Kandi uko niko abenshi batandukanye mu bitekerezo byabo, kandi tujyaho hamwe nabo; bo nta kibazo.

7 Ariko kuri twe hano ku Rusengero, dushaka kuguma mu buryo Bibiliya yavuze tugomba gukora. Gusa icyo… Kandi nta Cyanditswe kiri muri Bibiliya cyo kubatiza abana. Nta Cyanditswe kiri muri Bibiliya cyo gutonyangiriza ibitonyanga mu gahanga. Kandi noneho Icyanditswe kimwe gusa gihari muri Bibiliya ni icy'ibyo Yesu yavuze, Yari urugero, kandi gihe bamuzaniye abana ngo Abashyireho ibiganza maze abaha umugisha,nuko aravuga ati, "Mureke abana bato bansange, kandi ntimubabuze kuko abameze batyo Ubwami bw'ijuru ari ubwabo." Noneho, ubwo nibwo buryo tugendamo.

8 Noneho, tuziko, nkuko pasteri na njye turambitse kuri aba bana, ibiganza byacu n'ibintu bito cyane kukuba byasimbura Umwami wacu,kubera ko Ibye byari ibyera. Ariko Aramutse ashatse mu isi muri iki gitondo kugira ngo abone ikiganza cyera, ese nihe wakibona? Nta kintu nk'icyo (Murabona?) mu isi, ariko kubw'ubutuntu Bwe turamuhagarariye. Kandi abana hano bagiye kwegurirwa Imana, turarambika ibiganza byacu kuri bo maze dusenge kandi dushimire kubw'icyo Yahaye abantu, kandi reka babe intwari mu rugo Rwawe kugira ngo bafashe mu kumurikira inzira mu bakomeza. Reka bakurire mu kubaha Imana. Kandi reka aba bana bato ubu bahinduke abakozi bakomeye niba hariho ejo hazaza mu Bwami bw'Imana, niko gusenga kwacu k'ukuri. Niko biri..

9 Reka Umwami abahe umugisha. Reka turebe. Ndibwira ko tuributangirire kuri uyu muhungu w'imisatsi y'imikara hamwe na… Arasa nkaho… Oh, mbega, umugore wanjye agomba kuba ari hano kugira ngo aterure uyu muntu muto. Igihe cyose aba afite ubwoba ko nabavuna. Murabona? Mbega, mbega umuntu muto mwiza. Umeze gute? Mbega igihe gihuriranye n'igihe mu muvure, habonetse Umwana; igihe cya Noheli kubwo kwegurira abana tukabasubiza Imana. Izina rye ni nde? Samuel Thomas. Noneho, iryo ni izina ryiza cyane. Reka twubike imitwe yacu.

Data wo mu ijuru, nkuko uyu muryango muto muri iki gitondo uje hano n'uyu muntu muto w'umunezero uwo wongereye mu bumwe bwabo, Samweli Thomas muto, Data Mana, turagusenze ngo uhe umugisha uyu mwana. Kandi nkuko tumurera Imbere Yawe muri iki gitondo, Mwami, kubw'ikiganza Cyawe cyera kugira ngo uhe umugisha uyu mwana, reka bibe gutyo, Mwami, kugira ngo uyu mwana abeho. Kandi niba hariho ejo hazaza, reka bazabe abakozi bakomeye b'Ubwami bw'Imana. Uhe umugisha ababyeyi babo. Kandi noneho, Data, tuguhaye Samuel Thomas muto, mu Izina rya Yesu Kristo, kubwo ubuzima bukweguriwe mu Bwami bw'Imana. Amena.

Imana iguhe umugisha wowe n'umugabo wawe, kandi reka mugire ibyishimo kandi hahore gushashagirana kw'ikimenyetso cy'umunezero mu buzima bwanyu nkuko bimeze mu rugendo rwanyu. Imana ibahe umugisha.

10 Noneho, ese ni uyu muto… Noneho, ntabwo nshobora gusobanukirwa urwo rurimi. Nzi icyo… nzi icyo urimo gukora, ariko ntabwo nsobanukiwe. Igihe nari mu Budage ntabwo ari kera, ntabwo nashoboraga kuvuga n'ijambo rimwe. Ndavuga nti, "Ariko ikintu kuri mwe Badage, hano..." Ndavuga nti, "Ntabwo nsobanukiwe." Ndavuga nti, "Buri wese..." Narimo manuka mu muhanda maze umugore wari uhetse umwana, kandi yarimo arira mu Cyongereza." Rero, nizeye ko nawe ufite... Byose byarafunzwe igihe nagarukaga... Alicia Kay Carlyle. Alicia Kay Carlyle, iryo ni izina ryiza. Ndarikunda. Ese mwazana uwo mukubwa muto hano? Uhm. Oh, ese wamushiraho ikiganza cyawe nawe, mushiki wacu?

Noneho, murazi igihe Isiraheli yazanye ibitambo byabo (ibyo nabwirijeho ejo hashize) ku gicaniro (Murabona?), barambika ibiganza byabo kuri cyo, kubera ko babaga bishushanya ubwabo n'ibitambo byabo. Ibiganza byawe ku mwana wawe, bigushushanya n'umwana noneho, ekandi turambitse ibiganza byacu kuri we, biduhwanya ubwacu mu masengesho ku Mana kubw'uyu Alicia Kay... Carlyle.

Data wo mu ijuru, tuzamutse imbere Yawe, uyu mugore muto, Mana, iki kimenyetso cy'umunezero cyahawe uyu muryango; Uhe umugisha uyu mukobwa muto, Mwami, aka kantu gato, uwo mfashe hano mu biganza byanjye muri iki gitondo. Nkuko umubyeyi azanye uyu mwana... waramumuhaye, kandi ubu arimo aramuguha. Birerekana kwizera kwe no kwifuza, Mwami, kugira ngo umwana we azakurire mu kubaha Imana. Umuhe umugisha, Mwami, kandi reka azaramire mu buzima bw'umunezero, kandi azabe umukozi ukomeye Wawe mu bihe by'ejo, niba hariho ejo hazaza. Uhe umugisha umuryango aturutsemo. Biduhe, Mwami. Noneho, tuguhaye aka gakobwa k'igikundiro mu kumukwegurira, mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

Ubu, ntabwo ari ikintu gito cyane. Murazi, kuri buri mubyeyi umwana we aba ari ikintu cyiza ku isi. Uko ni ukuri, ese siko biri? Imana ibahe umugisha… akantu gato keza cyane… Karimo kundeba aha nka

gutya. Noneho mfite ikiganza cyanjye…

11 Noneho, umeze gute. Rero, mbega agakobwa gato keza aka ni akandi. None Izina rye ni nde? Letha… Aletha Ann Lisa Ann Farmer. Mbega, mbega agakobwa keza. Ese waza hano kuri njye, Lisa? Wowe… Ibyo ni byiza. Noneho, aka ni agakobwa keza gato. Arimo kureba kuri... Ukunda kujya kurusengero, Lisa? Ndatekereza ko ari akana gato nkako Umwami wacu yateruye aho mu ntoki ze... mushiki wacu. Mwese murabisobanukiwe hano, ibyo ndimo kubyumva... Murabona icyo ndimo mvuga? Mbega ubukwe, cyangwa mbega umunsi kwegurira Imana abana? Muri mu nzira y'Imana... Ibyo biranezeza cyane. Reka twubike imitwe yacu.

O Mana, tuje muri iki gitondo hamwe n'uyu Lisa muto. Kandi turasenga, Data wo mu ijuru, kugira ngo uhe umugisha Lisa ndetse n'ibyo azakora mu buzima. Reka azarame abeho ubuzima bw''umunezero. Uhe umugisha ababyeyi be. Reka azakurire mu muryango, Mwami, kugira ngo yemere kandi aramye Imana. Kandi ndasenze ngo niba hariho ejo hazaza, aho azabe... Azabe umukozi mu Bwami bw'Imana. Umurinde indwara n'ibindi bintu bibe kure ye mu gihe ari mu rugendo. Kandi uzamugire umugisha ukomeye mu Bwami Bwawe. Kandi tuguhaye uyu mwana muto kubwo kumwegurira Imana mu Izina rya Yesu Kristo. Amena. Umwana mwiza cyane.

12 Oh, nkunda aba bantu bato. Ariko mba mfite ubwoba ko baribuvunike, murabizi; ni bato cyane. Kandi nyamara, umugore yarambwiye, aravuga ati, “Rero, baragoye kuba bavunika kuruta uko njye navunika.” Uko ni ukuri. Baba boroshye cyane, naho mwe…

Noneho, ese hari umuntu uri hano urwaye ushaka ko bamusengera kubw'isengesho ridasanzwe cyangwa ikindi kintu, kandi dushobora kuriguha? Nta kibazo, mushiki wacu, niba washobora kuza hano maze ugahagarara. Nta kibazo. Uh-huh. Ni ibyo… Turashaka kwinjira muri ibi bintu kugira ngo igihe turaba turi mu butumwa bwacu bwa Noheli aba babe bameze neza

Noneho, reka twubike imitwe yacu ubu. Kandi Mwene Data Neville, ese ushobora kunyegera? Data wo mu ijuru, muri iyi minsi ibanziriza Noheri, aho kubabarirwa kw'ibyaha byacu gukomeye n'ukw'indwara kwavutse mu isi kugira ngo kube Igitambo kubwacu, tuzanye mushiki wacu, mu Izina rya Yesu Kristo, kubw'ibyo, tumurambitseho ibiganza kugira ngo dukore neza neza icyo Wavuze ko tugomba gukora; “Bazarambika ibiganza ku barwayi kandi bazakira.” Icyo nicyo dukora mu Izina rya Yesu Kristo, kubwo gukiza indwara Kwe. Amena... Oh, ese siko biri?

13 Umeze ute, mushiki wacu. Noneho, reka twubike imitwe yacu nanone. Data wo mu ijuru, nkuko duhagaze hano mu Kugaragara kw'Ishobora byose, dusengera mushiki wacu wagize ibyago. Kandi hari ikintu cyabaye aricyo cyahumishije amaso ye. Ariko Wowe, Mwami, nkuko Wabwiye Mose uti, “Ni nde waremye amaso y'umuntu?” Kandi hari Umwe gusa washobora gufasha, kandi uwo ni Yehova ukomeye, Umuremyi. Noneho turasenze, Data wo mu ijuru, nkuko twizeye ibi mu mitima yacu, kandi turamukuzaniye, no kwizera kwacu... Tuje hamwe mu kwizera kuri icyo gicaniro gikomeye cy'izahabu cy'Imana, aho Igitambo cy'amaraso, Kristo, aryamye aho ku gicaniro. Kandi mu Gitabo cya Yesaya igice cya 53 no ku murongo wa 5 haravuga hati, “Yacumitiwe ibicumuro byacu, ashenjagurirwa gukiranirwa kwacu; igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We, kandi kubw'imibyimba ye twakize indwara.” Kandi noneho, dushyize hamwe kwizera kwacu n'ukwe ku gicaniro Cyawe, kandi tubisabye mu Izina rya Yesu, kugira ngo ubu buhumyi buve kuri mushiki wacu kandi abashe kureba kubw'icyubahiro n'ubwiza bw'Imana. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amena. Imana ibahe umugisha, mushiki wacu.

14 Ariko… Oh, yego… Yego, mugabo. Byiza. Noneho, turasenga kugira ngo habe gusigwa k'umurimo wa Mwene Data Cobbles kugira ngo agende maze asure inshuti zanjye. Nakoranye nawe muri New York. Parris Reedhead, uwo wazamutse iwanjye aje kubatizwa.

None se nti hari ikintu cyo gukora mu murimo muri Sudani? Ni byiza cyane. Noneho agiye kuva muri Louisville. Oh, mbega. Twanga kubura Mwene Data Cobbles avuye muri Louisville. Umutima wawe uhabwe umugisha, mwene Data. Mbega… Igihe cyose njya mbyibuka

Uyu mwene Data w'igiciro, uwera w'Imana, nibuka inshuro ya mbere twahuye. Yarimo ava amaraso hafi yo gupfa. Namenye iri zina rikomeye hagati muri bene Data, kandi nagiye aho. Umuvandimwe we yari ahagaze aho mu bitaro. Njye, umuhungu muto nka njye, numvise mfite isoni zo kwinjiramo, nuko mfukama hasi inyuma y'ikintu cya Coca Cola aho hanze mu kirongozi cy'ibitaro maze ndamusengera nuko nsubirayo. Telefone yongera gusona nanone maze itavuga iti, “ntabwo wigeze ujya kureba Mwene Data Cobbles.”.

Maze njyayo aho. Bagomba kubaga ikintu mu zuru rye, maze bakeba, bangiza ikintu, kandi yarimo ava amaraso hafi yo gupfa; mfukama aho maze ndasenga, arahagarara

15 Data wo mu ijuru, ni umukozi Wawe, kandi ubu, arimo kuva hagati muri twe, ariko turacyafatanye, Mwami. Imitima yacu igihe cyose izajya itera, ndasenze, nkuko bameze ubu, umwe inyuma y'undi. Ndagusenze, Data, uhe umugisha uyu, mwene Data, Mwami, nkuko agiye hariya kujya gufasha uyu

mukozi wawe ukomeye, Mwene Data Parris Reedhead, uwo wishimiye cyane kwakira umubatizo w'Umwuka Wera, Mwami, kugira ngo ashyire ibisabwa byose... Kandi aracyaramya Imana... Uhe umugisha Mwene Data Cobbles. Ubahe umugisha hamwe mu murimo wawe,

Umuhe gusigwa n'Umwuka Wera. Arabishaka, kandi yaragerageje, ndetse arahata, ndetse arasunika cyane kugira ngo abone aho hantu aho nyakuri umwohereje, Mwami. Umufungurire ibintu bikomeye. Kandi reka iki kibe aricyo gihe, Mwami, Kandi waramutoje kandi yizera kuri iyi saha, Mwami, mu gihe turi mu gihe cy'umugoroba. Ukomeze umubiri we, Mwami. Akeneye imbaraga. Reka izo mbaraga zazuye Yesu Kristo... Zikize uyu mubiri we. Oh, reka ajye mu mbaraga kandi yikorere...

Oh, uhe umugisha… umutima. Unsuhurize Mwene Data Parris, kandi niringiye kuzamubona nyuma… mwebwe abari hakurya y'inyanja mu Buhinde. Imana ibahe umugisha.

16 Umeze ute, mushiki wacu? Urakoze, mwene Data. Mwami Yesu, nkuko tuzanye uyu mugore muto imbere yawe hamwe n'ibiganza byacu birambitse kuri we, turimo twihuza nawe kimwe no kugitambo, tuzi neza ko wabisezeranye, ndasaba gukira indwara kuri we mu Izina rya Yesu. Amena.

Kubw'uyu mumama muto uhagaze hano hamwe n'izi ntugu ze zahetamye n'imisatsi y'imvi ishushanya iyo mu isi igomba kuza, Mana, reka imbaraga izo zazuye Umwami wacu Yesu zikamukura mu gituro, nkuko turambitse ibiganza kuri we, twihuza nawe na Kristo, reka izo mbaraga zamuzuye zikamukura mu mva zikize uyu mubiri w'uyu mubyeyi, mu Izina rya Yesu. Imana ibahe umugisha, mbega...

Data wo mu ijuru, nkuko turambitse ibiganza kuri mushiki wacu, nawe mu Izina rya Yesu Kristo reka akire kubw'icyubahiro cy'Imana.

Data nyiri ubuntu, mu Izina rya Yesu Kristo, turambitse ibiganza kuri mushiki wacu. Mu Izina rya Yesu Kristo reka akire indwara kubw'icyubahiro cy'Imana. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu.

Data wo mu ijuru, turambitse ibiganza kuri bene Data hano, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo kubwo gukira indwara kwe. Reka akire mu Izina rya Yesu.

17 Data wo mu ijuru, nkuko umwe muri bashiki bacu… yakoze rurerure kugira ngo abe mu materaniro, ariko ahagaze hano muri iki gitondo, kandi twiyunze ubwacu, Mwami, mu Butumwa Bwiza hamwe n'ibiganza byacu umwe ku wundi ndetse na we, reka Imana yo mu ijuru irebe ibi, aho Yavuze ngo “Nihaba babiri cyangwa batatu bari hamwe...” Hano turahagaze, turi batatu hamwe, Mwami, mu Izina rya Yesu Kristo. Umukize, Mwami mu Izina rya Yesu.

Ni mu buryo bumwe, Mwami, turambitse ibiganza byacu kuri aba… Kandi nkuko twemeranya, mu Izina rya Yesu Kristo, reka akire indwara.

Data wo mu ijuru, yavuze ubuzima bwe bwiza bwa Gikristo… Umugore we afite kanseri. O Mana, ahagaze hano kubwe. Kristo aramuhagarariye. Noneho, dayimoni, muvemo,mu Izina rya Yesu Kristo. Ubyizere, mwene Data. Iyi ni intambwe itewe hano hepfo. Mwibuke ibi...

Data wo mu ijuru, uyu ni umushiki wacu uje kuri twe, Mwami, nk'ubuzima ntangarugero, abamo, kandi akaba aje kugira ngo akire. Kandi twe n'imitima yacu n'ibigaza byacu twiyunze na We, Mwami, dusabye umugisha, mu Izina rya Yesu Kristo.

18 Mushiki wacu Risenthor, ni umukozi wawe,, tugezee muri iki gihe cya Noheri, mu Izina rya Yesu, reka akire, Amena. Mu izina rya Yesu.

Data wo mu ijuru, tuzanye uyu mugore mukundwa iki gitondo; mu Izina ry'Umwami Yesu, tumurambitseho ibiganza kandi dusabye gukira kwe mu Izina rya Yesu. Amena.

Data wo mu ijuru, turaje kandi turambitse ibiganza kuri mushiki wacu; mu Izina, iryo Zina ryera kuruta andi yose, Yesu Kristo, reka akire indwara kubw'icyubahiro cy'Imana.

Data wo mu ijuru, nkuko tuzanye mushiki wacu kuri Wowe uyu munsi, nk'itsinzi y'ubuntu Bwawe, mbega uko wabanye n'uyu mugore, imyaka n'imyaka ishize none akaba asigaranya amasaha make yo kubaho, yamazwe na kanseri kandi akaba ariho kugira ngo… kubw'Imana. Umukize uyu munsi, Mwami, icyaba kitagenda cyose, mu Izina rya Yesu Kristo. Imana iguhe umugisha.

19 Data wo mu ijuru, nka mushiki wacu, akaba n'itsinzi y'ubuntu bw'Imana, uyu urembye kandi umeze nabi, wari warasabitswe n'ibiyobyabwenge, umusinzi, kandi, noneho akaba ahagaze hano ari umugore w'igikundiro, yarakize wese, mbega urugero rwo gukira, Mwami. Kandi noneho umutima we uragurumana kubw'abo bandi bameze nabi, kubera ko aziko hari Ukiza indwara ukomeye. Yavuze amazina atatu noneho ubu, Data. Ndasenze kandi niyunze ubwanjye hamwe na mwene Data hano, pasteri wacu, na we, n' Uwami Yesu. Kandi reka, mu bwiza bw'Izina Rye, aba bantu batatu babohorwe mu Bwami bw'Imana, Mwami.

Urakoze, Data. Data w'icyuhahiro, turimo turarambika ibiganza byacu kuri Mwene Data Way. Yansabye ibintu bitatu. Urabizi, Mwami. Kandi twizeye ko byanditswe, kandi tuziko Ibyanditswe bivuga biti, "Ibintu byose..." Kandi niko dusenze, Data wo mu ijuru, kugira ngo ibi, icyo yasabye, aze kumuhishurirwa, mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

Data w'igiciro, turambitse ibiganza byacu kuri mwene Data mu Izina ry'Umwami Yesu, kandi dusabye gukira indwara kwe kubw'icyubahiro cy'Imana. Biduhe, Data, mu Izina rya Yesu. Amena.

Data wo mu Ijuru, kuri mushiki wacu, tumurambitseho ibiganza kubw'ubushake bw'Ubwami bw'Imana. Mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo twubahe icyo Yavuze gukora. Reka akire indwara mu Izina rya Yesu. Amena. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu.

Data Mana, ni kimwe, kuri mwene Data, tumurambitseho ibiganza, mu Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo umuhe kumera neza kubw'ubushake bw'Ubwami bw'Imana. Amena. Imana iguhe umugisha, mwene Data.

Mushiki wacu Arganbright. Data wo mu ijuru, turasenga kubwa Mushiki wacu Arganbright, kugira ngo umukize indwara. Biduhe, Mwami. Icyifuzo cye, reka abihabwe, Data wo mu ijuru, mu Izina rya Yesu Kristo.

Mwami Yesu, turambitse ibiganza kuri mwene Data, mu Izina rya Yesu Kristo, reka icyifuzo cye agihabwe. Mubyizere, mwene Data.

Data wo mu ijuru, turambitse ibiganza kuri uyu mwana muto, mu Izina rya Yesu Kristo, kandi reka, nkuko duhagaze hano hamwe muri iki gitondo, kubwo kwizera tuzanye uyu mwana kuri Wowe. Kandi reka imigisha y'Imana y'imbaraga zo gukiza indwara igarazwe muri uyu mubiri muto, mu Izina rya Yesu. Amena.

Data Mana, kuri uyu data mukundwa umuzanye, turasaba nabwo kugira ngo ugaragaze imbaraga zo gukira indwara, mu Izina rya Yesu. Amena. Imana ibahe umugisha, mwene Data.

20 Data wo mu ijuru, nkuko Mushiki wacu Pecknpaugh, mushiki wacu mukundwa ukomeye afite icyifuzo… Kandi mbega ukuntu Wabaye umunyambabazi kuri we, Mwami. Ndasenga ngo 'imigisha Yawe idakama itembe mu mutima we. Kandi uburwayi bwose n'agahinda ibyo yanyuzemo, reka imbaraga za Kristo zimugarurire ibye, Mwami, inshuro ijana kandi zimukize kuburyo bwuzuye... Abo akunda, mu Izina rya Yesu.

Data wo mu ijuru, turambitse ibiganza kuri mwene Data kandi turasaba kubw'imbaraga za Yesu Kristo kugira ngo zitume agubwa neza, binyuze mu Izina rya Kristo uyu mwana turimo kwizihiza muri iki gihe. Amena.

Mukundwa Mana, nkuko turambitse ibiganza kuri mushiki wacu, umujakazi Wawe, mu Izina rya Yesu Kristo reka akire indwara kubw'icyubahiro Cyawe.

Mwami, turambitse ibiganza kuri mushiki wacu mu Izina rya Yesu Kristo, reka akire indwara.

Data wo mu ijuru, turambitse ibiganza byacu hano, mu Izina rya Yesu Kristo. Reka imbaraga z'Imana zitume akira indwara. Amena.

Mwami Yesu, uhe mushiki wacu icyifuzo cye, nkuko tubisabye kubw'icyubahiro cy'Imana mu Izina rya Yesu.

Data wo mu ijuru, turabona mushiki wacu muto igihe cyose ari kumwe natwe iyi myaka yose. Turagushimiye kubw'ibyo, Mwami. Turasenze kugira ngo umuhe icyo yifuza, mu Izina rya Yesu.

21 Mwami Mana (Mwami Imana?)… Niba… Imana ibera hose icyarimwe, hakurya y'inyanja, hakurya hano, ahantu hose. Kandi wizere ndetse Imana iraza kumukiza muri iki gitondo aho ari muri Norvege… Umukobwa wawe na papa wawe… Kandi urashaka ko tubasengera… kubw'agakiza?

Mwami, urabona uyu mugore muto kandi tuziko Uzi icyifuzo cye. Wumvishe ijwi rye. Ni gute utamenya ko ahagaze aha, mu gihe nta gishwi cyagwa mu muhanda utabizi… Kandi noneho ndabizi ko uzi icyifuzo cye. Noneho, duhamagaye ibi bintu, mu Izina rya Yesu Kristo reka ibyo abihabwe, binyuze mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

Data wo mu ijuru, turasenze kubwa mama we ushaje kandi akaba agiye kubagwa. Mana, umufashe. Kandi niba hari ikintu kirenzeho twashobora gukora, Mwami, ukimbwire cyangwa Ukibwire undi mbere y'uyu munsi kugira ngo ukomeze mwene Data. Biduhe, Mwami. Mbisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

Mwami, turambitse ibiganza kuri mushiki wacu, mu Izina rya Yesu Kristo. Reka umukize indwara kandi umuhe kugubwa neza. Amena.

Reka Imana yo mu ijuru imusubize icyifuzo cye mu Izina rya Yesu, njye… Imana iguhe umugisha,

mushiki wacu. Uri mushiki wacu Margaret…

Mwami Yesu, ndasenze kubwa mushiki wacu, umugabo uhagaze aha kubwe. Mbega uburyo bacuraganwe n'uburyo wigaragaje Ubwawe kuri bo, Mana , kandi ndagushimiye cyane. Biduhe, Mwami, uyu ni umugore we ugomba gukira, mukundwa mushiki wacu, mu Izina rya Yesu.

Data wo mu ijuru, icyi cyifuzo icyo uyu mwene Data arimo gusaba, Uzi byose kubijyanye n'iyi mimerere, Mwami. Kandi ndasenze kubw'umukozi wawe. Mana biduhe kubwo gukira indwara kw'imibiri ibyo arimo kuvuga. Noneho, Wumvishe ibi byifuzo neza kurusha uko nabyumva. Kubw'ibyo ndagusabye hamwe n'umutima wanjye ufunguye ku gicaniro Cyawe, kandi nkaba nshyize amasengesho yanjye hamwe n'aya mwene Data uri hano, mu Izina rya Yesu Kristo, kugingo asubizwe. Amena.

Data wo mu ijuru, turambitse ibiganza kuri mushiki wacu kubw'icyifuzo cye. Reka agihabwe mu Izina rya Yesu Kristo. Amena. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu

22 Mwami, turambitse ibiganza kuri mushiki wacu kubw'icyifuzo cye, mu Izina rya Yesu Kristo reka abihabwe.

Data wo mu ijuru, kuri mwene Data uri hano, icyifuzo cye, reka agihabwe, Mwami. Kandi agerageza kugukorera iyi myaka yose kandi binyuze mu bigoye yakomeje guhagarara arakomeza. Mana, reka afata ku ihembe ry'igicaniro iki gitondo, kugira ngo abashe kurenga ako kaga, "Iki nicyo gihe ubwo bije." Biduhe, Mwami. Kandi reka iki cyifuzo gusubizwe ku mugore we n'umwuzukuru, mu Izina rya Yesu, turagushimiye kubw'ibyo. Imana ibahe umugisha, Mwene Data... Byizere.

Data wo mu ijuru, uyu mubyeyi muto, uhagaze aha muri iki gitondo, yabaye nk'umubyeyi kuri benshi. Noneho, arimo arasenga asengera abo akunda, Mwami. Arimo arasaba ibyo, kandi twese dushobora, kwiyunga hamwe ubwacu, tugashyira ibiganza byacu kuri we nk'ubumwe, ko twizeye ibi. Kandi hamwe n'imitima yacu imbere y'igicaniro Cyawe , dusabye kubw'icyi cyifuzo icyo yasabye guhabwa, mu Izina rya Yesu. Amena... Mushiki wacu.

23 Mana, Uzi abantu ahagarariye hano, buri wese uri mu mutima we kuri iki gihe. Kandi twishyize hamwe na we, Mwami, mu Izina rya Yesu Kristo, reka iki cyifuzo… Mwami, muri Yesu…

O Mana, tuzi Mushiki wacu Hattie. Turasenze Mana, nkuko turambitse ibiganza kuri we… Uduhe kugira ngo Umwuka Wera ube hamwe na we, Data, kandi ubihishurire umutima we. Turagushimira kubw'abahungu be, bombi. Ndimo gutekereza igihe nari nicaye muri icyo cyumba uwo munsi mu nzu nto yoroheje. Uravuga uti, "Mubwire asabe icyo ashaka, kandi uvuge Ijambo." Arasaba. Mana, ndabizi ko Wita kuri aba bantu, noneho ndasenze mu gihe murambitseho ibiganza, mu Izina rya Yesu Kristo, reka icyifuzo cye gisubizwe, kandi abihabwe...

Mwami Mana, nkuko turambitse ibiganza kuri uyu mushiki wacu muto, utwara imodoka amanuka mu mihanda inyerera ndetse n'ibintu arimo agerageza kugera aha… Ibyo byose Urabizi. Ndamusengeye, nkuko ndabitse ibiganza byanjye kuri we, mu Izina rya Yesu Kristo. Reka ahabwe icyo yasabye. Amena.

24 Data wo mu ijuru, nkuko uyu mwene Data mukundwa… mbega uko yari yiyemeje igihe kimwe, Mwami, amatabi n'ibindi byari byaramuboshye. Kandi Washakaga kuganira nawe maze ugategereza kandi ugategereza. Akabona undi; Ugategereza ndetse ugategereza, kandi ntiwashoboraga kutubwira. Maze amaherezo, igitondo kimwe, yicaye aho, biza aha. Noneho byose birarangira. Turagushimira, Mwami. Uri uw'ukuri. Amagambo Yawe ntabwo ajya ahera. Kandi haravuga hati, "Abategereza Uwiteka bazasubizwamo imbaraga zabo." Noneho, azanye ibyifuzo bye bitatu, hamwe n'isezerano... ry'ibiro bitatu biri mu Mana imwe. Mu Izina ry'iyo Mana nzima kandi y'ukuri, Yesu Kristo, reka ibi byifuzo abihabwe. Amena. Imana iguhe umugisha, mwene Data.

Oh, ni I kubyo… Mwami, wumvishe ibyo byifuzo. Uzi uburyo bwo kubisubiza, Mwami. Noneho turambitse ibiganza byacu kuri Mushiki wacu Baker, mu Izina rya Yesu Kristo, tuzanye ibyifuzo byacu kubwe kugira ngo umukize indwara. Amena. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu.

Data wo mu ijuru, nkuko nshyize ibiganza kuri mwene Data, ndimo kubona ifoto nyayo y'ubuzima bwiza uyu munsi, ariko rimwe na rimwe ibyo birashukana. Noneho ndasenze Umuhe icyo asabye ikiri mu mutima we cyose, Mwami. Kimuhe icyo asabye cyose mu Izina rya Yesu. Amena.

25 Data wo mu ijuru, turambitse ibiganza byacu kuri mushiki wacu kandi dusabye ibyo, mu Izina ry'Umwami Yesu, kugira ngo umuhe icyifuzo cye kubw'icyubahiro Cyawe. Amena.

Mwami Yesu, turambitse ibiganza kuri uyu mwene Data kandi turasaba kubw'icyifuzo cye. Icyo nicyo dukeneye, Mwami, nkuko turambitse ibiganza kuri we. Twiyunze nawe ubwacu, kandi muri ubu bumwe turasenze mu Izina rya Yesu. Amena. Imana ibahe umugisha, mwene Data.

Data Mana, hamwe na mushiki wacu, tubikoze kimwe, mu Izina rya Yesu Kristo reka ahabwe icyifuzo cye… Mushiki wacu.

Mana, nkuko mwene Data mukundwa yashoboraga kuba yishwe urya munsi wundi, ariko ukaba Utari witeguye kubwe. Noneho ndasenze, Mana, kugira ngo umuhe iki cyifuzo mu Izina rya Yesu Kristo. Amena. Uzi uburyo ibyo biri.

Data wo mu ijuru, nkuko uyu mushiki wacu uguwe nabi arimo yigira imbere, tuziko, Mwami, ibyo bishobora kuba aribyo bimuguye nabi, ariko warasezeranye ko; amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ari byinshi, ariko Imana ibimukiza byose. Akeneye cyane bikomeye uku kubohorwa, Mwami. Turambitse ibiganza kuri we kandi ducyashye iyi dayimoni. Mwami, kuri icyo gicaniro cy'izahabu, reka imbaraga z'Imana zimweze kandi zimukize...

26 Nta kibazo. Mwe… Abo… Wari hari inyuma iki gihe cyose? Huh? Ntabwo nigeze nkubona. Oh, wowe… Ahagana hano… Ntibitangaje… Uyu mugabo bamwita… yitwa "Miner [umuto cyane]" Iryo niryo zina rye, ariko uyu mwanya wo "Miner" irahinduka "Major [uw'ingenzi]" Urashaka kuvuga ijambo? Rivuge. Gira icyo uvuga, icyo ushaka cyose. Mwene Data Arganbright ni umwe muri ba Full Gospel Business Men, umwe mu bashinze uyu muryango ukomeye, uwo tugerageza gukorana kugira ngo dutume abantu bose bamenya... tutitaye kuho babarizwa n'amadini ko twese turi bene Data muri Kristo.

Yavuze ikintu gito undi munsi yanditse kuri Senateri cyangwa ikindi kintu cy'aho hejuru. Kandi cyari ikintu nyakuri cyiza cyane. Maze aravuga ati, "Ndashaka ko mubyandika. Ndashaka kuza ku rusengero nkabivuga."

Aravuga ati, "Namaze kubivuga." Turabifite hano kuri kasete. Kandi nashakaga ko babikura kuri kasete, mwebwe bene Data. Mwene Data Jim, nziko ubu urimo kunyumva hano mu cyumba.

Ibyo ndabishaka. Icyo cyari igice cya… Uburyo bw'ubwumvikane, bwongerewe kuri ibi. Ntacyo. Vuga icyo ushaka, Mwene Data Arganbright. [Mwene Data Arganbright aravuga—Ed.]

Amen. (Ushobora kwicara hariya hakurya. Ibyo nta kibazo.) Mbega uko ari ukuri. Amena, mbega uko ari ukuri. Amahoro araza kandi akagenda kandi ibyo kwishimisha bikayenga, ariko umunezero ugumaho.

27 Rero, ni umunsi mubi hanze, ni umunsi mwiza imbere. Kandi murabizi, nahuye n'umuntu, cyangwa umuntu yambwiye ko yahuye n'umuntu vuba aha, kandi avuga ko yarimo aburana. Oh, aravuga ati, "Uyu ni umunsi uteye ubwoba." Aravuga ngo imvura yaragwaga kandi ikomeje.

Aravuga ati, "Uyu ni umunsi mwiza."

Maze uwo muntu aravuga ati, "Ubwo, ni gute wita umunsi nk'uyu umunsi mwiza?"

Aravuga ati, "Ndababwiye. Muganga yambwiye umwaka ushize ko nsigaranye icyumweru kimwe cyo kubaho." Aravuga ati, "Buri munsi, ubwo, aba ari umunsi mwiza." Yego.

Uko niko biri, ni umunsi mwiza, uko niko turi… Ni iki… Nkuko mwene Data yabivuze, "Twese twari twaciriwe urwo gupfa (Uko ni ukuri.) tugapfa kandi tukajya kubabazwa." Ariko noneho, uyu munsi ni umunsi mwiza. Turi bazima muri Kristo kandi ntidushobora gupfa ukundi. Byararangiye. Murabona? Nyakuri turi muri Kristo. Noneho, reka twe...

28 Noneho, mu Rusengero, Mwene Data Arganbright, nyakuri nkunda gufata igihe cyanjye. Noneho niba mufite inzara mushaka ifunguro, aho, mushobora gusohoka gake. Ndumva naniwe muri iki gitondo nkwiriye kugira ikindi kintu mvuga kugira ngo mbashe guhaguruka njyewe ubwanjye gato kugeza ubwo njye... Umwuka w'Umwami aza kuri njye.

Noneho reka twubike imitwe yacu ubu kandi dusenge mbere y'uko dusoma Ijambo. Ni ibyifuzo bingahe kubw'ibintu bindi mufite ahari bikaba bitasengewe, noneho mureke bimenywe binyuze mu kuzamura ibiganza. Noneho, reka duhagarare muri iki gitondo mu gihe turimo gusenga. Ibyo birabahereza guhindura uburyo mwari mwicayemo kandi ahari birababfasha gato. Kandi noneho nyuma ndashaka ko muguma muhagaze iminota mike kugeza tumaze gusoma Ijambo. Ndatekereza ko ari ikintu gikomeye guhagarara utuje mu gihe turi gusoma Ijambo ry'Imana.

29 Data wo mu ijuru, tuje duciye bugufi mu buryo tuziko dukwiriye kuza, hamwe n'imitima twamazemo ibyifuzo by'isi cyangwa ibinezeza. Kandi nkuko mwene Data yabisubiyemo cyangwa yabitubwiye, "Umunezero, umunezero w'Umwami ni imbagaraga zacu." Kandi tuje n'imitima yuzuye umunezero, kuburyo dufite amahirwe yo kuza Imbere Yawe kugira ngo dusabe icyifuzo cyose twashaka. Kandi umunezero uza igihe turebye mu Ijambo, kandi byarasezeranywe niba dushobora kuryizera, tuzabihabwa. Ni iki gishobora kunezeza umutima w'umuntu urimo gutera, nta gihari cyarenga kumenya Imana y'iteka Idapfa Yaduhaye iryo sezerano?

Noneho, utubabarire, Mwami. Kandi niba twaracumuye cyangwa tugakora ikintu icyaricyo cyose cyakubabaje, kugira ngo mbere y'uko dusaba ibi bintu… Kubera ko tuziko byanditswe, "Niba imitima yacu itaducira urubanza, duhabwa icyo dusabye." Ariko noneho, utubabarire ibyo twakoze byose. Uturebane, Mwami, imbabazi n'impuhwe. Urebe uburyo turi itsinda ribabaje, Mwami, abantu bato bapfa, twiririwa

dutaruka hano ku isi, kandi tukirirwa dukururana n'aha hantu hari ibyaha. Ariko imbere aho mu mitima yacu tuziko hari Umuntu uzaza umunsi umwe ugiye kuzatuzamura akatuvana aha hantu akatujyana ahantu heza cyane, kandi ibi biratunezeza.

Kandi ndasenze, Mana, kubwa buri cyifuzo. Uzi ikiri inyuma ya buri kiganza icyo kizamuwe. Biduhe, Mwami. Ndasenze kubwanjye, kugira ngire imbaraga muri iki gitondo, kugira ngo mbone ijwi ryo kumfasha ndetse nkabwiriza Ubutumwa Bwiza. Kandi ndasaba kugira ngo uduhe umugisha twese hamwe muri ibi turimo kwizihiza, igihe cya Noheri. Mwami, reka tubone uwo Mwuka w'ukuri wa Noheri, kandi reka ugumane natwe iteka. Kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu kandi kubw'ubushake bwe. Amena.

30 Noneho, niba mushobora guhagarara akanya gato, ndashaka gusoma muri iki gitondo kuva mu Gitabo cya Mikaya ahantu hamwe; kandi ahandi, aho mu Baheburayo, igice cya 12 kugira ngo mbashe gukuramo icyigisho gito kubyo nshaka kuvuga muri iki gitondo kubw'ubutumwa bwa Noheri; Abaheburayo 12:25, ni uko. Ndifuza kwihuta muri iki gitondo igihe ntangiye, kandi ntabwo nari mfite buri kintu cyose aho nabishakaga, nashakaga kubigira, cyangwa. Dutangirire ku murongo wa 2 wo muri Mikaya igice cya mbere1

Nimwumve mwa moko yose mwe, nawe wa si we n'ibikurimo byose mutege amatwi, Umwami Yehova abashinje. Umwami ari mu rusengero rwe rwera,

kuko Uwiteka ahagurutse mu buturo bwe agiye kumanuka, atambagira aharengeye hose ho mu isi.

Imisozi izayengera munsi ye, n'ibikombe bizasaduka nk'ibishashara bishongeshwa n'umuriro, nk'amazi atemba ku gacuri.

kandi mu Baheburayo ibice 12 n'umurongo wa 25, turasoma ibi:

Mwirinde mutanga kumva Iyo ivuga. Ubwo ba bandi batakize kuko banze kumva Iyababuriye iri mu isi, nkanswe twebwe niba dutera umugongo Ituburira iri mu ijuru!

Noneho, Mwami Mana, wongere imigisha Yawe kugusomwa kw'Ijambo Ryawe, kandi uduhe buri wese uyu munsi… Ikintu washatse ko tumenya, kugira ngo tuze kuva hano maze twumve ko twabaye Imbere Yawe, kandi dushobora gukomeza hamwe… n'imirebere mishya kandi hamwe no gusobanukirwa kwiza, kandi hamwe no kwiyemeza kuruta uko twari dufite igihe twazaga muri iyi nyubako, kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena. (Mushobora kwicara.)

31 Ese iki si ikintu kidasanzwe gisomwe kuri Noheri? Ibi… Intego yanjye mu gukora ibi, kwari ukugira ngo nzanire itorero ikintu ahari gishobora kuba cyihariye ho gato, kubera ko kuri radiyo mu gihe cya Noheri ukomeza wumva izo nkuru za kera kenshi na kenshi z'abo banyabwenge baje baturutse iburasirazuba maze bakabona Umwana Kristo, ndetse no kuramya kw'abungeri, no kuboneka kw'inyenyeri, kandi izi nkuru zose za Noheli izo zikomokaho ibyo twahimbye by'imyizerere yacu ya kiyobokamana y'uyu munsi. Kandi byose ni byiza; noneho, ndanezerewe kubw'ibyo. Ariko natekereje mu itorero iki gitondo... Kandi ahari pasteri wacu, ahari nimugoroba cyangwa Kucyumweru gitaha azaba ari umwanya w'ubutumwa nk'ubwo. Kandi natekereje noneho guha abantu guha abantu impinduka ku buryo babonamo Noheli, kugira ngo ibyo... Nahisemo uyu murongo. Noneho, mu magambo make...

32 Kandi noneho, ndabona ko murimo kugurana ibyicaro, bamwe bahagarara, abandi bicara, kandi ibyo ni byiza cyane. Kandi vuba aha tuzagira icyumba aho tutazigera… Mutubarire ntitwemerewe ko izi nzira zo hagati y'intebe zuzura, kubera ko ukuriye ibyo kurwanya inkongi z'imiriro ntiyatwemerera ko dukora nk'ibyo. Ariko tuzagira icyo twongeraho vuba aha, Umwami nabishaka. Bamaze gutangira kubikoraho, kandi ibyo bizaba vuba bishoboka, kandi bizaba ari ahantu hihariye nitugera ku gice kijyanye n'ibikoresho by'aha hantu. Hazaba nta na kimwe kigaragara cy'urusengero rwa kera. Hazaba ari ibirahuri bisize byijimye, bifite indi shusho, bizaba bizengurutswe n'amatafari. Aho hazaba... Bizaba bitandukanye cyane. Ariko iyo nyubako ya kera izaguma aha, kubera ko hari icyo tuyiteganyaho. Murabona? “Mureke ibyo bikuta bya kera bigumeho.” Murabona? Kandi tugiye kuzayitwikira kandi dushyire amabuye ahayizengurutse, ndetse n'ibindi, ariko izaguma uko imeze uko.

33 Noneho, Noheri… Nifuza ko nyakuri abantu bashobora gusobanukirwa muri iyi si, icyo nyakuri Noheri iri cyo. Noneho, ijambo rya mbere Noheri ni ubwoko bw'imvugo za Gaturika. Bisobanuye Ibya Kristo...“C-h-r-i-s-t-m-a-s [niko bita noheli mu Cyongereza]” (Murabona?) “misa ya Kristo” Murabona? Yashyizweho cyangwa yatangijwe n'itorero ry'Abaroma. Kandi Kristo ntabwo yigeze avuka ku itariki makumyabiri n'eshanu z'ukwa cumi n'abiri nkuko nanjye atariho navutse. Ah. Ahubwo ni ikirundo cyuzuye cy'imigenzo. Ni ibyo gusa. “Isi yose,” nkuko umuhanuzi yavuze ati, “yahindutse nk'igisebe cy'umufunzo.” Uko ni ukuri. Nta kintu gitunganye wahabona. Buri munsi mukuru uba ushyigikijwe n'ibintu... Kuko, Santa Claus [pere noweli] yafashe umwanya wa Noheli, ukuvukira mu kiraro. Inkwavu, n'inkoko, n'ingofero nshya byasimbuye umuzuko. Kandi nihe wanyereka Imana igaragara muri byo bintu? Murabona? Impamvu y'ibi ni umuntu n'ubucuruzi...

Koko, batangiye kugura impano za Noheli kuva mu kwezi gushize, kandi icyo biri cyo ni imyitwarire ya

gipagani. Nta kintu kirimo cyerekeye ibyo kubaha Imana. Oh, bagerageza kuvuga bati, "Muhe impano, abanyabwenge." Ariko ibyo… Ni nka kagezi k'inzitwazo za satani. Niba ushaka gutanga ikintu, tanga ubuzima bwawe kuri Kristo. Ntubuhe undi; bumuhe. Ubwo nibwo yapfiriye. Iyo niyo ntego yo kuza Kwe. Murabona?

34 Ariko byahindutse ahantu biba ari umuvumo ku bana bato. Hamwe mu baturanyi bashobora kuba bafite byinshi, mu gihe undi mwana muto nta kintu afite, kandi barimo babareba. Kandi icyo kintu cyose uko cyakabaye kiba gipfuye. Uko niko biri. Kandi abacuruzi bakongera ibintu byabo ku hantu nkaha. Bo... koko, umugore wanjye yagiye gushakira ibintu abo bantu bato, kandi nko mu byumweru bitatu bishize, baramubwira bati, "oh, ububiko bwacu bw'ibintu twarangiye bwose twarangije kubugurisha. Twari twatumije ibyikubye kabiri ububiko bwacu uyu mwaka, byose twarangije kubigurisha." Ibyumweru bitatu cyangwa bine mbere y'uko igihe cyo guhaha kigera. Oh, ukuntu ari ikintu cy'ubucuruzi bakoze.

Kandi nyuma ya byose, ese muzi uko Noheli yatangiye, iki twita Noheli, "Misa ya Kristo"? Hano hari amateka yayo, hari utuntu duke nanditse hano ku rupapuro. Nabisoje umwaka ushize, mbere y'uko ngira ibihe birindwi by'amatorero, nabigishije hano, nafashe "Inama y'i Nikeya," n'" Inama Yabanjirije Nikeya" n'"Inama ya Nyuma ya Nikeya" na "Ba Data b'i Nikeya," ni icyo gitabo cya Hislop's Two Babylons n'Igitabo cy'Abahowe Imana b'i Foxe" n'ibyo bindi, kubera ko nari narumvishe ababwiriza babivugaho. Ariko nashaka kubyisomera ubwanjye ngo ndebe, bityo mbashe kubimenya igihe nabisomera abantu ubwanjye cyangwa nkabibwira abantu banjye, kubera ko Imana izabimbaza ibyo nabwiye abantu ku munsi w'urubanza. Noneho ntacyo mfite kuvuga kucyo undi muntu wundi yavuze ko yasomye; ndashaka kubyisomera ubwanjye (Murabona?) kandi nkabimenya.

35 Noneho, nyakuri, Noheri, Kristo, nizera ko buri wese yashobora kubihamya… Nkuko umuzuko ushobora guhamywa urebye ku Muremyi, uburyo yaremye ubu buzima bw'ibimera, kandi uburyo buri kintu cyose gikurikije umugambi Wayo kigomba gupfa, kandi iyo gipfuye, cyongera kubaho kubera ko kidafite ubuzima buhoraho. Ariko uburyo bumwe gishobora kongera kubaho, binyura mu mbuto yongeye guterwa ifite ubuzima muri yo. Murabona? Noneho, Imana yigaragaza mu byaremwe, kandi byerekana ko izi mana za gipagani dufite n'ibi bintu bindi dufite bitari ukuri. Murabona, ni ibintu by'ubwenge bw'abantu n'imitekerereze. Ariko Uwaremye ijuru n'isi yigaragaza ubwe muri ibyo byaremwe Bye, icyo Aricyo muri gahunda Ze. Kandi noneho niba...

Ese mwigeze mutekereza, igihe Kristo yavukaga, ko Umwana w'Imana, Yavukiye mu kavure mu kiraro, kandi aryamye mu kavure? Kubera ko Yari Umwana w'Intama. Ntabwo yagombaga kuvukira mu mazu, abana b'intama ntabwo bavukira mu mazu. Kandi noneho mwigeze mubona ko, igihe bamujyajye i Karuvali, n'uburyo Atigeze Atoroka ngo Yiruke. Bari bamwikoreje umusaraba. Baramukubita kugeza ubwo umugongo we warimo uva amaraso. Kandi baramushorerera; bajyana Umwana w'Intama ku mubazi. Murabona? Yari Umwana w'Intama. Ubwo, niba ubu buhamya bwose bw'ibyaremwe, Icyo Yaricyo... Ni gihe ki abana b'intama bigeze bavuka mu kwa kane? Nyakuri. Murabona, ni ibintu by'ubupfu (Murabona?) gutekereza ikintu nk'icyo.

36 Ibi byakozwe na kiliziya Gaturika y'i Roma mbere y'uko ihinduka Kiliziya Gaturika muri Roma, nko hagati ya 86 ni 106, ahantu hamwe muri aho, cyangwa muri 306, ahari. Noneho, tubona ko abapagani b'iroma baramyaga Yupiteri, ariyo mana y'izuba; kandi bakaramya Ashtoreti, ariyo yari imana y'ukwezi, cyangwa mu bundi buryo nyina w'ijuru. Rero, mu gukomeza ibi, baravuze bati iyo Ashtoreti, cyangwa imana nyina w'ijuru ntabwo bayigumishijeho, ahubwo bayinduyemo Mariya. Noneho bikomeza kuba kuramya ibigirwamana, bahuza Ubukristo no kuramya ibigirwamana.

Noneho nabwo, kandi bemeraga, cyangwa baramyaga kandi bakubaha iminsi mikuru y'imana zuba yabo, ariyo yari Yupiteri. Ni igihe izuba kuva mu kwa cumi n'abiri itariki ya mbere kugeza kuri makumyabiri n'eshanu, ritahindukaga, ryakurikiraga umurongo wa capricorn.

Kandi kubw'ibyo, mfite hano urupapuro nshaka kubasomera igihe kimwe, ibyo birababaza. Muvuga ibyabaye hano hepfo ku mugezi cya gihe; ndashaka kubereka ibyabereye muri Yerusalemu kugira ngo bihamye ibyo, mu byumweru bike bishize aha mu kinyamakuru. Babonye ikintu muri Yerusalemu mu byumweru bike bishize biraza gushyigikira mu buryo bwiza ibya Marayika wabonetse hano hepfo kuri iyo saha imwe maze anyoherеza mu murimo. Yego. Murabona? Noneho, ntabwo nari nabimenye kugeza mu byumweru bike bishize, kandi hano mfite icyo kinyamakuru.

37 Noneho, mwitegereze igihe rinyuzemo aho, riba riri muri byo… Murabona, noneho, nyuma ya makumyabiri n'imwe z'ukwacumi n'abiri, iminsi itangira kuba migufi buri wose, cyangwa igatindaho gato, kugeza ubwo bigeze mu kwa Karindwi. Noneho igatangira kugenda iba migufi kugeza igeze... Noneho icyo ni igihe cyo kuruhuka. Kandi abapagani b'Abaroma baravuze ngo ni isabukuru y'amavuko y'imana zuba. Kuva mu Kwacumi n'abiri itariki ya mbere cyangwa Ukwacumi n'abiri itariki makumyabiri n'imwe kugeza mu Kwacumi n'abiri itariki makumyabiri n'eshanu, bagiraga amarushanwa y'Abaroma, amasiganwa y'amagare akururwa n'amafarasi, muri icyo gihe.

Rero noneho, igihe Abakristo cyangwa Abakristo b'i Roma, bongeyemo iyo mihango kugira ngo

babashe gufata impu zombi, baba abapagani n'Abakristo, baravuze bati, "Niba ari isabukuru y'amavuko y'imana zuba, reka noneho tubihuze bibe isabukuru y'amavuko y'Umwana w'Imana." Aha niho hari uwo munsi wanyu wa makumyiri na gatanu w'Ukwacumi n'abiri kubw'iyo misa yanyu; misa ya Kristo. Oh, mbega ikintu giteye ubwoba. Murabona?

Noneho, mukubihuza… Koko, muravuga muti, "Ese ntihababaho undi munsi wo kubikora?" Yego, ariko guhuza Kristo n'ubupagani… Icyo kintu kimwe yaje gusenya, nyuma bakamuhuza na cyo indi nshuro. Murabona? Icyo ni cyo kintu gipfuye. Kandi Santa Claus, umuntu umwe w'umusaza mu Budage, witwaga Kriss Kringle, wagendaga aho aha abana impano ku munsi wa misa ya Kristo; yari umugaturika, kandi bamugize umutagatifu; ubu mutagatifu Nicholas. Murabona? Oh, byaba byiza ndamutse… Murabizi uko biri kose. Murabona, tubifite mu bisekuru

38 Ariko muri iki gitondo, icyo nshaka kuvuga ni iki, uyu munsi wa Noheri uje usanze isi mu mimerere itari myiza kuruta uko yari iri mu myaka igihumbi maganacyenda cyangwa ibihumbi bibiri ishize igihe Kristo yazaga. Nta tandukaniro. Ahubwo ni mu mimerere imwe nkuko yari imeze ubwo, uko niko iri ubu. Bo... Ndashaka gufata umwanzuro, cyangwa umutwe w'icyo ngiye kuvuga ni "ugusenyuka kw'Isi."

Igihe Kristo yaje kuri Noheri mu myaka igihumbi magana cyenda ishize, isi yarimo isenyuka; buri kintu cyari kigeze aho cyangirika. Isi ya kiyobokamana yari yangiritse. Isi y'Abaroma, ikinyabupfura, cyari mu mimerere iri hasi cyane mibi. Oh, ubusambanyi bw'isi... Abayahudi bari bararetse Imana yabo ndetse bafata iyo minsi mikuru yejejwe maze bayihindura ibintu by'imigenzo yo kurangiza umuhango. Imana yari yarabavuyemo. Kandi bari baziko hari ikintu kigomba kuba; isi yose yarabikoze; kugira ngo bigume hamwe... Kwari ugusenyuka. Kandi ikintu cyari gutuma biguma hamwe, buri gihugu cyarimo gishakisha icyo kintu mu buryo bwacyo cyangwa umuntu washobora kuza maze akabikomeza hamwe.

39 Kandi iyo niba atariyo foto y'uyu munsi, ntabwo naba nzi isi. Irimo irashaka ikintu cyatuma iguma hamwe. Imeze nkuko yari imeze mu myaka ibihumbi bibiri ishize. Isi mu myaka ibihumbi bibiri ishize yari ikeneye Mesiya kugira ngo yongere Ashyire ibyo bintu hamwe. Ariko mu myaka ibihumbi bibiri ishize, Imana yahaye isi Mesiya. Kubera ko niba hari icyo dutekereza ko cyaba kandi tukaba tugitegereje, Imana izakitwohereza. Kandi noneho, isi nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, yongeye gusubira muri iyo mimerere imwe yarimo mu myaka ibihumbi bibiri ishize. Irimo iracikamo ibice, amahanga... Nta rufatiro ruhari. Ubukomunisti, Ubugaturika, Ubuporoso, politiki, ikinyabupfura, buri kintu kirimo gusenyuka.

Kandi barimo barasaba Mesiya. Ariko hano hari icyo nshaka kuvuga; Niba Ashobora kuzaza, ese twazamwakira; cyangwa twakora nkuko bakoze? Ese twamwanga? Ese tuzi nyakuri icyo dukeneye? Rimwe na rimwe dushaka… Dusengera ibyifuzo byacu, kandi rimwe na rimwe ibyo twifuza ntabwo ari ibyo dukeneye. Dukwiriye kubona ko tudasobanukiwe ibyo dukeneye; dutekereza ko tubikora. Ariko Imana yasezeranye kuduha ibyo dukeneye, kandi Izabikora.

40 Noneho, byagenda bite Yozefu muto, imyaka irindwi, aramutse ashaka kujyana nanjye guhiga, kandi akaririra gufata imbunda yanjye nto yo kurasa amasasu yikurikiranya yashyizemo isasu mu cyumba cyayo ati, "Nshobora kurasa urukwavu, papa"? Rero, ntabwo namwemerera ko akora ibyo, nyamara akumva ayikeneye, ariko nzi mbyinshi kuriyo kuruta uko yabimenya.

Kandi byagenda bite umwana muto w'umwaka n'igice akubonye urimo kwiyogoshesha urwembe rutyaye, maze agasakuza kandi akaririra urwo rwembe? Nyamara yakubonye urimo kwiyogosha, akaba ashaka gukora icyo kintu kimwe. Nyamara, wowe uzi icyaba cyiza kuri we. Nabwo ntabwo wamwemerera ko arufata, kubera ko uramutse uri umubyeyi ugira umutima ntabwo wakwemera ko habaho ikintu nk'icyo; ahubwo warumurinda. Kandi noneho ibihe byinshi ni uko tuba dushaka ikintu kinyuranye n'icyo Imana iziko dukeneye, kubw'ibyo Ntishobora kukiduha.

41 Kandi barimo basaba Mesiya. Bashakaga Mesiya. Ariko hari aho byari bigeze. Bamushakaga mu buryo bo bamushakamo. Kandi Imana Imwohereza mu buryo Yo Imushakamo, maze baramwanga. Kandi barimo kubikora nanone uyu munsi indi nshuro, barimo gukora icyo kintu kimwe. Barabyanze indi nshuro.

Barimo gukora icyo kintu kimwe kimeze nk'icyo bakoze ubwo. Kubera iki? Kubera iyo mpamvu imwe, iyo mpamvu imwe. Yaje ubwo, kandi turabizi ko Yaje. Yaraje, kandi kuri bo, ariko ntabwo yaje mu mimerere ndetse no mu buryo bamushakagamo ko aza. Kandi niba Imana ishobora kutwoherereza icyo kintu uyu munsi, icyo turimo duhamagara, n'itorero, kandi igihe Imana icyohereje, ntabwo tuba tugishaka. Ntabwo biba bihura n'ibipimo by'amadini yacu. Ntibiza guhura n'imyumvire ya tewolojiya y'igihe runaka. Ariko ni icyo kintu kimwe twasengeye. Icyo cyifuzo kimwe twasabye Imana, Imana yarakitwohererereje, maze turacyanga.

Turashaka impano ya Noheli ivuye ku Mana, ariko turayishaka imeze nkuko tubishaka. Dushaka ko Imana iyohereza mu buryo dushaka. Izi icyo igihugu gikeneye; Izi icyo itorero rikeneye. Ariko dutekereza ko tubizi, ariko Izi nyakuri icyo biri cyo.

42 Noneho nkuko nabivuze mu minota mike ishize, twongeye kugira kuri iyi Noheli, isi irimo gusenyuka.

Reka nsome ibintu bike nanditse hano.

Mu kwitegereza ukwangirika kw'isi; nta na rimwe yigeze iba mu mimerere mibi yo hasi, byari bigoye. Mfite inyandiko hano iyo nshaka gusoma imirongo yayo ibiri. Nayisanze mu kinyamakuru, ivuga iti "Urupfu rw'ibyiza. Ukwiyoroshya kwa kigore iyo mimerere y'ubwiza yo Imana yashyize mu muryango w'abantu kugira ngo irinde urwo rugero rw'ikinyabupfura yapfuye uyu munsi, ubwo abagore n'abakobwa boroheje b'abanyakuri bakubise ibipfukamiro hasi imbere y'imanakazi y'ibigezweho kandi ntibareka kwemeza ku rwego ruhambaye urukozasoni rw'ibigezweho biciriritse." Mfite hano ipaji yuzuye y'ibyo, mbega uko ntigeze numva ikintu nk'icyo. "kandi kuba umuntu ukurura abagabo byahindutse ibintu byemewe haba mu Bakristo no mu batari Abakristo."

43 Nkuko uyu Mwene Data mukundwa Arganbright na njye twamanutse umuhanda wose mu gitondo cya kare, twarimo tuvuga ku kintu. Biragoye kuba wabona umukobwa ufite kwiyoroshya bituma agira isoni. Bagiye bumva imikino myinshi yanduye n'imyanda, ndetse, nta buryo wababwira ikintu cyabatera isoni. Mu gihe mu myaka mike ishize, itari myinshi nko mu gihe nari umuhungu muto, akantu gato gapfuye, katumaga mu maso he hijima, ikintu gito kimucitse, kandi undi mukobwa muto isurujipe yagaragaye ku ishuri, kandi narimpagaze, turi kuvuga, maze igihe arebye hariya nuko abona uyu mukobwa muto isurujipe ye irimo kugaragara, mu masohe hahinduka umutuku, maze ahita yiruka arampunga, umukobwa w'imyaka cumi n'itandatu. Kubera ko, icyo... Ni imico myiza Imana yaduhaye yo kurinda ikinyabupfura cyacu.

Noneho mushobora kwibaza impamvu nsakuza cyane ndwanya ibyo bintu bipfuye nk'ibyo turimo kujyamo uyu munsi, maze tukiyita Abakristo, uburyo abagore bambara ndetse bakora, n'abagabo banywa amatabi, n'ibindi bintu bindi, maze bakitwara gutyo. Kandi ababwiriza ku gicaniro, bakagambana, ndetse bakaba batakwemera ko uza ku gicaniro ngo ubwirize urwanya ibyo bintu. Nibaza niba tutarimo gukora uyu munsi nk'ibyo barimo bakora aho kera mu myaka ibihumbi bibiri ishize.

44 Mwibuke, igihe isiraheli yatangiye gukora ibyo, Imana yahagurukije Yesaya. Ubwo icyo gihe basohotse bongera gutangira bundi bushya, Yahagurukije Yeremiya, aho hepfo. Kandi Imana ntabwo ijya ihindura uburyo bwayo bwo gukora ibintu; Ni Imana y'iteka. Ntabwo Ijya Ihinduka. Igitekerezo Cyayo cya mbere gukora cyagumye gutyo igihe cyose.

Icyo dukeneye uyu munsi ni Ubutumwa busizwe hamwe na Kristo nka Mesiya. Ariko sebashobora kukwakira? Barabisengeye, ariko se baribushobore kubyakira? Oya, mugabo, ntabwo bashoboraga kubyakira. Barabubambye nkuko babikoze ku mwanya wa mbere. Umutima w'umuntu urabeshya.

Ikinyabupfura, induru ku rwego rw'igihugu… Nihe isi yigeze na rimwe yitegura gusenyuka kw'ikinyabupfura kuruta uyu munsi? Ni nde wateye iyo ntero? Twe abanyamerika.

Igihe nari muri San Angelo muri Roma, hano hadashize igihe, aho muri San Angelo catacomb, hari inyandiko aho hejuru kuri abo bagore b'Abanyamerika "Turabiginze mwambare imyenda kubwo kubaha abapfuye, mbere yo kwinjira muri catacomb." Igihugu cyubaha Imana, cyagakwiye kuba ari igihugu gitinya Imana, turi kubaho imyitozo yahise y'abandi bantu, ba sogokuru abo bari abakristo.

45 Imidugararo mu gihugu… Ntabwo higeze haba igihe mu isi ubwo higeze haba gushwanyuka no gusenyuka kuruta ubu ngubu. Kuko, urebye mu binyamakuru, no mu makuru nshya, n'abagira icyo babivugaho, n'abo bagerageza kuvuga uko bizagenda, n'abandi, bavuga ku bisasu n'icyo bashaka gukora; aho agahugu gato gashobora gusenya isi yose. Kandi nta mahoro ari hagati muri bo. Ntabwo wazana amahoro muri ubwo buryo. Amahoro n'ubusabane ntabwo byaza binyuze muri politiki; bizanwa na Kristo. Ntabwo bashaka kubyakira.

Ni gute navuga ikintu hano; kwangirika muri poliki zacu, kuko, politiki yaraboze cyane. Mwumvishe ijoro rimwe "Monitor", ndibwira, cyangwa n'inkuru batangaje, isaha imwe cyangwa abiri hano muri Louisville, aho bahuje igihugu cyose. Kandi barimo batanga… Babikora rimwe mu gihe runaka ku gitekerezo kimwe, kandi bavuze kuri Mr. Nixon warimo ava muri politiki igihe yatsinzwe, uko guhatana muri politiki muri muri Los Angeles, cyangwa muri Califoniya, noneho azigera yongera kugaruka? Kandi igihe batambukije iyo nkuru, nyuma y'amasaha abiri cyangwa atatu, nabyumvishe birimo kugera mu nzu hano yo kwa Mwene Data Charlie, ndetse mbyumva ndimo kuzamuka hamwe na Mwene Data Wood na njye, kuri Radiyo. Kandi nza kumenya ko Nixon, no muri icyo gice cy'iburasirazuba hano, aho iyo radiyo yageraga yose, kuva Mississippi kugera Pennsylvania, ko yatsinze Mr. Kennedy, kandi abantu barimo bahamagara ndetse bavuga ko hari nk'amajwi ane kuri rimwe. Noneho umuntu arahaguruka maze aravuga ati "Iyo bataba bariganyije ibintu mu mashini yajyaga kuba Perezida." Ngaho aho muri. Politiki, ni ukuriganya, yaraboze ku mpande zombi. Ntabwo murenganya; nanjye najyaga kuzamura ikiganza cyanjye, nkareka ibyo bintu bibi byangiritse. Uko biri kose bijyanye n'isi. Ariko ibiganza byanyu mubyerekeze kuri Kristo maze muvuge muti, "Ndaje hano, Mwami."

46 Iyo midugararo yo mu gihugu… Kandi noneho, aho mutekereza ko bari bakwiriye kugerageza gushyira hamwe, baratandukanye. Uko niko byari bimeze muri iki gihe gihise mu myaka ibihumbi bibiri ishize igihe isi yarimo gucikamo ibice. Irimo gucikamo ibice uyu munsi munsi y'imimerere imwe.

Kandi noneho itorero ryangiritse, oh, mbega, kwangirika mw'iyobokamana… Oh, ni ibintu biteye isoni kubona isi nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri ya Bibiliya maze Umwuka Wera kubwo kuba hano ku isi, noneho uyu munsi irimo gucikamo ibice nabi nkuko yari imeze mu myaka bihumbi bibiri ishize. Iyobokamana ryangiritse, Politiki yinjiye mu iyobokamana, n'iyobokamana ryinjira muri politiki. Ni ibintu biteye ubwoba kureba iyo mimerere... Ndabizi ko ari... Mwavuga muti, "Mwene Data, ntabwo wari ukwiriye kuba uri gushushanya ifoto nk'iyo hano mu gihe cya Noheli." Mugomba kumenya ukuri, icyo mukwiriye kumenya. Noneho, uburyo mushobora...

47 Imana izabaha umugisha, ariko iyo migisha igomba kuza binyuze mu mimerere runaka, hari ibisabwa ugomba kuzuza. Kandi igihe utujuje ibyo bisabwa, noneho imigisha n'amasezerano y'Imana biba ari ntacyo bimaze kuri wowe. Imana yasezeranye guhura na Isiraheri mu gihe cyose bakomeje iyo minsi mikuru ikomeye n'ibindi hamwe n'uko kwera n'ubunyakuri. Imana yahuraga nabo. Ariko igihe babigize nk'ibintu byo kurangiza umuhango w'umuryango, noneho Imana yanze kongera kubikora ukundi; Yaravuze ngo biranuka mu maso Yayo. Noneho ibyo ni bimwe n'uyu munsi, tugomba gusubira inyuma ku ukuri kw'ibintu.

Imidugararo ya Poliki mu matorero, duhagaze uyu munsi hamwe n'amadini agera kuir maganacyenda ya Gikristo buri wese arwanya undi. Rero, ibyo ntabwo byari bibi cyane igihe Yazaga, hari gusa amatsinda ane cyangwa atanu yabo, Abafarisayo, n'Abasadukayo, n'abandi. Ariko ubu dufite maganacyenda n'andi. Kuko, biri mu mimerere mibi cyane, iyo itorero ririmo, kuri iyi Noheri, kuruta uko yari imeze kuri Noheri yo mu myaka igihumbi maganacyenda ishize. Iri mu mimerere mibi cyane ubu. Imidugararo ya Kidini... Ni iki cyabiteye byose, nshuti, ni kubera izo politiki zafashe umwanya w'Umwuka Wera.

48 Umwuka Wera ashaka gufata Ijambo ry'Imana maze akayobora itorero akarigeza ku ntsinzi, ariko gahunda z'amashuri n'agahunda za politiki, imigenzo n'amadini byatumye bigera ku byerekezo maganacyenda bitandukanye. Noneho itorero ntacyo rifite, icyo bita itorero... Ntabwo mvuga Itorero ry'ukuri; ryo riracyagenda. Oh, yego. Riracyari ryarindi. Ariko icyitwa itorero mu isi, cyo gisa n'igikoresho cyo gutuma isi ifatana, icyo gihuza ibyo twita umuco n'ibintu by'isi, cyarangiritse. Iyo mico yacyo yaraboze, kandi ryo... Iyo miswa yo kwikunda kandi yamaze kurya urwo rufatiro rwaryo munsi yaryo. Ibyo ni ukuri neza neza. Noneho, riri mu mirere iyo yavuzwe ko rizaba ririmo, muri Timoteyo wa 2 ibice 3, "Ibyigenge, buzuye ubwibone, bakunda ibibanezeza kuruta uko bakunda Imana," n'ibindi.

49 Noneho iyo tubonye politiki mu mimerere nk'iyo iri mu gihugu, maze tukabona amatorero ari mu kwangirika muri aya madini, kandi nyamara tugashaka ko Imana iza kuri twe muri ibyo bintu… Imana ntabwo izaza muri ibyo mireko hamwe natwe, muri ibyo bintu dushaka ko Izamo. Ntabwo Izabikora. Yo ni Iyera, kandi Izi igikwiriye kuruta ibindi. Iyo dutatse, Iradusubiza. Kandi igihe itwoherereje igisubizo, turacyanga. Dushaka ko biba mu buryo tubishakamo. Kandi tugerageza kujya ku Mana, maze tukagerageza kwikiza ubwacu, kuri icyo kintu icyo twahamirijwe... Torero, ndabinginze mwumve ibi. Icyo kintu kimwe cyahamijwe mu buryo bwa kimana kuri twe, ikintu cyatwangije, nuko noneho tukireba kuri iyo mikorere imwe kugira ngo idukize. Mugaruke ku Ijambo. Icyo nicyo Mesiya avuga.

Noneho, ariko turimo kureba kuri politiki. Turimo kugira gahunda z'igihugu ku isi; turimo turagerageza kubikiza binyuze muri politiki. Itorero rirashaka isi yacuikijijwe (itorero ry'isi) binyuze muri politiki. Ibi bintu byagiye bikubita isi igihe nyuma y'ikindi gihe guhera mu gihe cya Mose; icyo kintu kimwe, politiki igerageza gutegeka. Kandi yarangiritse. Nta buryo buhari umuntu yashobora kubikora; nta kintu cyiza gihari mu muntu kuva na mbere. Iyo niyo mpamvu yapfuye.

50 Kandi igihe twe… Igihe twe… igihe tubonye iyi si muri iyi mikorere, igaragara ko iri kugenda icikamo ibice muri buri gisekuru, igihe isi igeze muri iyi mimerere, abantu barasenga. Oh, yewe na Perezida agasaba ko (Ibyo ni ibiki?) ko haba iminota icumi cyangwa isaha cyangwa ikindi byo gusenga. Ibyo nta kiza bizakora. Icyo dukeneye ntabwo ari ugusenga, ahubwo ni ukwihana, tugahindukira, tukajya kure, tugashaka. Tukagaruka ku Mana. Nahitamo ko ibihumuriza byanjye byubakira ku Ijambo ry'Imana, noku mubatizo w'Umwuka Wera, kugaragara kwa Kristo, kuruta uwo mutekano politiki cyangwa amatorero bishobora kuguha. Nyakuri, kubera ko nziko azagumaho.

51 Nta nubwo twari dufite igihugu, twajyaga kuba tumeze neza kure cyane iyo tuba dufite igihugu cy'Imana, Ubwami bw'Imana. Imana igihe cyose isubiza kandi Ikohereza agahenge, ariko ntabwo bashaka kubyakira. Ibyo, Imana irasubiza igihe igihugu kigeze muri ubwo bwoko bw'imimerere, buri igihe. Igihe isi, ahari, igeze muri iyi mimerere, itangiye gucikamo ibice, noneho Imana igihe cyose isubiza amasengesho yabo, ikabohererereza umuhanuzi cyangwa ikindi kintu, bamwe mu bahanuzi bakomeye bo kubisenya. Ariko ntibashobora kumwumvira. Ni iki bakora? Mu mushyire mu mva. Yesu yaravuze ati, "Ni nde wo muri mwe, ese baso ntibashyize abahanuzi muri izo mva, kandi noneho muzisiga amarangi, mukazigira umweru, kandi mukubaka hejuru y'ibituro byabo? Kandi ari mwe mwabashyizemo aho." Uko ni ukuri. "Ni nde muri mwe?"

Batatse basaba ubufasha. Imana irabubohererereza, kandi barabwanga. Noneho iki, ese ni Imana ikwiye kugawa cyangwa ni abantu bakwiye kugawa? Abantu nibo bakwiye kugawa. Nyakuri.

52 Igihe Yesu yavukaga, iyo si, nkuko navuze, yarimo icikamo ibice. Yari iyobowe na politiki, kandi politiki yari yangiritse muri ibyo bihe. Iryo torero ry'igihugu ryari ryangiritse. Abaroma n'Abagiriki barimo bashaka

mesiya usizwe. Abagiriki n'Abaroma abo nkeka ko bari bafite igice cyiza mu isi, kandi barimo barwana hagati yabo, noneho barimo bashaka abo ba mesiya basizwe ngo baze. Kandi Abayahudi, bashaka Mesiya ngo aze. Kandi Abaroma barimo bashaka umunyapolitiki ukomeye washobora guhagarara muri Roma, agatsinda Abagereki maze akababwira uko bakwiriye kubikora, kandi Roma, yashakaga kuyobora isi. Abagereki bashakaga umunyapolitiki ukomeye kugira ngo ahaguruke, umunyapolitiki usizwe, mesiya, washobora kuvuga ati, "Tuzafata Abaroma n'Abayahudi, n'abasigaye bose." Murabona, icyo nicyo barimo bashaka. Niba iyo atariyo foto y'uyu munsi, ntabwo naba nzi icyo byaba biri cyo. Ni ukuri.

53 Politiki yashakaga mesiya usizwe. Kandi Abayahudi bashakaga Mesiya, kandi bashakaga ushobora kuza utameze nk'uwo bafite; bashakaga umujenerali washobora kwinjira maze agahonyora bombi Abaroma n'Abagereki aho ku isi yabo. Ubwo nibwo bwoko bwa Mesiya bashakaga. Barimo basengera mwene uwo Mesiya. Abaroma baravuga bati, "Utwoherereze umwe. Reka dutore mwene wawundi usizwe, umuntu usobanukiwe, uwo wumuhanga muri politiki. Uzamenya amayeri y'uburyo yafata Ubugiriki n'abasigaye bose bo mu isi." Kandi abasigaye bose bo mu si baratakaga bati, "Twoherereze umuntu uzaba asizwe hamwe n'ubwonko bw'umuntu w'intiti uwo uzabasha gufata abasigaye bose bo mu isi."

Noneho, niba iyo atariyo foto y'isi uyu munsi, ntabwo mbizi.

Kandi itorero, rirataka riti, "Twoherereze umujenerari amanuke, uwo uzashyira buri muntu mu ngabo, kandi akamenya uko bakoresha inkota, maze akatubwira amayeri, maze tugahonyora Roma, Abagereki, ndetse n'abandi basigaye bo ku isi." Uko niko bashaka kubikora; gutegeka. Izo nizo mbaraga.

54 Nicyo kimwe n'uyu munsi tubona mu matorero. Mwebwe Bametodiste, murashaka mesiya. Ni mesiya bwoko ki? Ntabwo ari Uwo Imana izabohrereza. Mwebwe Babatista, murashaka mesiya. Mwebwe ba Assemble de Dieu, muramushaka. Mwebwe ba Oneness, muramushaka, uko ni ukuri. Ariko ni iki murimo gushaka? Icyo kintu kimwe n'icyo politiki irimo ishaka, izo ntiti zimwe zizi imibare zikomeye, abo bantu bize cyane bafite za D.D., Ph.D., bakaza mu itorero ryanyu, maze bagakubita hasi aya madini yandi maze bagatera abasigaye bose kwiyunga kuryanyu, umwe mu bahungu uzi kwemeza abantu guhindura imyemerere yabo yashobora gufata aba bantu bose.

Barimo baratakа bashaka mesiya hano ku gihe cya Noheri. Oh-oh. Ni iki babonye? Barabishakaga. Bashakaga kubyigarurira. Isi uyu munsi irashaka kubyigarurira. Isi irashaka kubyigarurira; buri dini rigiye kwinjira… Ariko murebe icyo Imana yabahaye. Bashakaga abahanga mu gisirikare, bashaka intiti z'abahanga, ariko Imana yabahaye Umwana w'Intama. Uruhinja. Mbega kunyuranya. Mutekereza ko bajyaga kwemera urwo Ruhinja rurira? Ariko icyo nicyo bari bakeneye. Imana ibaha ikurikije icyo mukeneye. Nyakuri. Bo... Bafite... Babonye Uruhinja igihe bashakaga umujenerali; ariko babonye Uruhinja, rutuje, ruciye bugufi. Imana yari izi icyo bakeneye.

55 Ntabwo yigeze aza kugira ngo abe umunyapolitiki w'igihugu cyangwa w'itorero. Kandi Mesiya aramutse aje uyu munsi, ntabwo Yaba umunyapolitiki w'igihugu cyangwa w'itorero. Kandi dutaka kubw'uwo muntu, Imana izatwoherereza kubohorwa, ariko tugomba kubyakira mu buryo Yabyoherejemo. Ntabwo bigeze babikora; ntabwo babishakaga muri ubwo buryo. Itorero rirataka uyu munsi, "O Data wo mu ijuru, ese Watubabarira ukatwoherereza Yesu? Ese watubabarira?" Kandi igihe Umwuka Wera atangiye kwijira, "Oh, uwo... Ntabwo tumusha... Uwo... Murabona? Rero, mwe," Oh, oh, uyu muntu ntabwo twakwemera ko adutegeka. Oh, ibyo ntabwo nshaka kubyumva. Oya. Mbega... Ibyo ntabwo nabyemera; idini yanjye ntabwo yabyizera." Noneho ntabwo mushaka Mesiya; ntabwo mushaka gusigwa.

Niba Imana yarohereje Mesiya, Azaba ari Ijambo kw'Ijambo rya Bibiliya, neza neza icyo Yari icyo ku nshuro ya mbere. Gutaka kw'isi, igihe tubonye abanyapolitiki na buri kintu kindi barimo babangamira Ubuzima nyabwo bw'itorero, maze tugataka, nuko Imana itwoherereza icyo kintu, noneho turacyanga. Uko ni ukuri. Ntabwo twashobora kubyemera. Oya, niba bidahura n'imyizerere yacu ya kidini, ntabwo twabyakira. "Murabona? Oh, ntimureba nyakuri icyo Noheri y'ukuri iricyo... Abantu ntabwo babishaka. Ntabwo bashaka inzira z'Imana zo kuyohereza. Barimo barashaka ikintu kindi, ariko ntabwo babishaka.

56 Noneho, Imana yamwohereje mu minsi barimo bataka, atari intiti y'umusirikare, atari umujenerari ukomeye amanutse afite ingabo yo kumukingira, ndetse hamwe n'inkota y'indengakamere cyangwa icumu yashoboraga gufata kugira yirukankane Abaroma n'Abagiriki n'abasigaye bose ku nyanja kugira ngo yongere kubaroha nanone. Ntabwo yaboherereje ikintu nk'icyo, nubwo Yavuze ko yabikoze igihe kimwe muri Mose, ariko noneho barabikeneye nanone. Ariko yaboherereje Umukiza kandi ntabwo bamushakaga. Batekereje ko bakijijwe. Murabona? Kandi uko niko bimeze hamwe n'amatorero uyu munsi. Mubirebe muri iki gihe cya Noheli hamwe n'ibyo bipirizo bya Noheli n'ayo matara ya pere-noweli, iyo mikorere y'abapagani n'ibindi birundiwe hamwe muri abo bombi yaba kiliziya Gaturika n'amatorero y'Abaporoso, kandi birangiritse mu buryo bwose bushoboka... Kandi Imana yaboherereje Umufasha. Iki? Mugaruke ku Ijambo, Umwuka Wera, Mesiya w'Imana n'Umusigwa, kugira ngo Asige Itorero Ryayo maze yongere arigarure ku Ijambo. Ese mutekereza ko babishaka? Oya, mugabo, ntabwo bazigera babyakira. Baramwanze nkuko igihe cyose babikora.

57 Yohereje Umukiza, ariko ni iki gitumye Yohereza Umukiza noneho? Ndashaka kugira ikintu gito nzana

hano gishobora kubafasha. Hari ubwoko bwamenywe mbere bugomba kubyakira. Bwariho igihe Yaje bwa mbere; buzaba buhari igihe Azaza bwa kabiri. Tutitaye ku buryo itorero ry'isi ryabitekerezaho, bamwe... Ntabwo Yamwoherereza ubusa. Hari umuntu uzamwakira. Hari umuntu ugomba kubyakira; ni ibyo gusa; ariko atari politiki y'isi cyangwa politiki y'itorero, cyangwa ikindi byabacyo. Ariko igihe mutatse kandi Imana ikamwohereza hari umuntu ugomba kumwakira. Uko ni ukuri.

58 Yohereje Umukiza, atari ukugira ngo ahonyore amahanga. Nkuko dushobora kubitekereza uyu munsi, dukeneye umuntu ushobora guhaguruka. Amerika ikeneye umuntu ushobora gukubita Uburusiya uwo Uburusiya budafite. Uburusiya burashaka umuntu uzakubita isi kandi akabajyana bose ku kwezi. Ariko Imana yohereza amahoro. Imana itwoherereza ibyiringiro. Ntabyo dushaka. Oh, baravuga bati, "Twe... dushobora kugira amahoro; amahanga arashaka amahoro." Nyakuri. Kandi batekereza ko bashobora kuyagira igihe U.N. ishyize hamwe. Nyamara, U.N. iri kure cyane y'ibyo...

Amahoro iyi si ifite uyu munsi ameze nk'igipirizo kiri kuguruka mu muyaga; kuburyo buri muyaga wose ushobora kukijyana iyo ushatse. Ni ukuri. Buri mpinduka yose ya politiki iyikururira kuri uru ruhande cyangwa ku rundi. Ntabwo wavuga amasengesho muri U.N. batinya ko hari amazina amwe bakomeretsa, ibyo byiyumviro bitanizera ko habaho Imana. Oh, ibyo ni ukubiturisha siko biri, ariko nabwo birahagira sibyo? Kandi ikindi kintu, icyo gipirizo gishobora guturika ku kintu icyaricyo cyose. Amena. Kandi ibyo iyi si yita amahoro, binyuze muri U.N. n'ibindi, bizaturika. Ni ukuri. Nta mahoro ari muri ibyo. Ntushobora kubona amahoro binyuze mu byagezweho n'umuntu. Ntayahari. Bijyanwa n'umuyaga.

59 Byatwawe na buri Itorero rirashaka bimwe. Barashaka… Amahoro yabo ateraganwe na buri muyaga w'imyigishirize nabo. Buri kintu kiba giteraganwa aho, umwe muri bo yaravuze ati, "Oh, ndatekereza ko icyo twese dukwiriye gukora..."

Muratekereza? Ntabwo mugomba gutekereza. Imana yagaragaje ibitekerezo Byayo. Nta burenganzira ufite bwo gutekereza. "Reka ibitekerezo byari muri Kristo bibe muri wowe." Kandi Yashakaga Akanakora Ubushake bw'Imana. Yaravuze ati, "Niba ntakora imirimo y'Imana, noneho ntimunyizere." Murabona?

Ntabwo ukeneye gutekereza. We ni we wamaze gutekereza. Reka ibitekerezo Bye bibe muri mwe; mutekereze kimwe, kandi iryo ni Ijambo Rye. Ni gute ushobora gutekereza mu buryo butandukanye? Yatweretse ibitekerezo Byayo. Ariko dushaka gukora ibyo dutekereza tuti, "Ntekereza ko dukwiriye gukora ibi."

60 Narimo ngendana n'ubugingo bw'umukundwa ushaje ejo hashize, tugiye gusengera umwana urwaye. Kandi igihe tugeze kuri wo mwana urwaye, umuryango ntabwo washakaga ko tumusengera; icyo ni cyo cyari igitekerezo cy'umuntu. Uko biri kose, mu nzira turimo tugenda, uyu mugore aravuga, umugore ukuze uri nko mu myaka mirongwinani n'umwe, umugore ukeye ufite umurava, mwiza cyane, ariko aravuga ati, "Ndimo gutekereza igishobora kuza kubaho (Murabona? 'ndatekereza'), ko amatorero yose akwiriye kujya hamwe maze akaba rimwe." Icyo nicyo nyakuri Satani atekereza. Ariko Imana ishaka ko dutandukanya Itorero Ryayo n'ibintu by'isi. Ntabwo Ishaka ko ryivanga muri za politiki z'itorero. Murabona? Kandi byagenda gute Imana iramutse yohereje Mesiya ku isi? Kandi uwo mugore yarimo atekereza igitekerezo cy'isi yose. Ishyirahamwe ry'amatorero ni iki uretse kuba ari icyo gitekerezo kimwe? Inama Mpuzamadini y'Isi ni iki uretse ko ari uwo mugambi umwe wo gusohoza icyo gitekerezo? Uko ni ukuri? Rero, noneho, umugore, uwo mugore yagaragaje gusa igitekerezo cy'isi.

Ariko hari igitekerezo cy'Imana muri Bibiliya. Nta burenganzira dufite bwo gufata ibinyuranye n'Icyo. Icyo ni igitekerezo cy'Imana kitugaragarijwe. Twumva… tubona isi irimo gucikamo ibice, kandi turimo gutaka kubw'ikintu. Reka tucyacyire. Noneho, nituramuka tucyacyiriye kandi kikagerageza kutujyana muri politiki, icyo ni cyo kintu kitwangiza.

61 Mfite akantu gato ko kubwira abayobozi ku rwego rw'igihugu b'iri tsinda ry'abacuruzi b'Abakristo. Ni itsinda ryiza ry'abantu, ariko niba baratangiye mu buryo butaribwo, bazisanga barabaye ifu kimwe n'abandi, bahinduke idini. Kandi ndashaka ko munsengera kandi mugasengera uyu muntu. Nkwiriye kugenda; mfite iyerekwa ry'Imana kuri we. Murabona? Kandi niba badahindukiye, niba bakomeje, bazagera aho bahinduka ishyirahamwe. Kandi igihe bazakora ibyo, Imana izahita irangizanya nabo. Uko ni ukuri.

Murabona, abantu ntibashobora kujya hamwe, keretse bashaka gukoresha ibitekerezo byabo bwite. Iyo niyo mpamvu Imana ifata umuntu ku giti cye. Murabona? Imana ntabwo ijya ikorana kandi ntabwo izigera ikorana n'idini, nta hantu mu mateka Yaba Yarigeze Ibikora. Ikorana n'umuntu ku giti cye, umuntu umwe. Uko ni ukuri. Ariko tugerageza gushaka itsinda ry'abantu bishyira hamwe maze tukavuga tuti ni muri ubu buryo no muri buriya, n'ibindi. Ikintu cya mbere murazi, gikomeye, kandi gikeye, ibitekerezo bicanye, ibi bihangange Satani yoherejemo, bakazamo maze bakavuga bati, "Rero, bigomba kuba ibi. Nshobora kubibahamiriza." Tutitaye ku cyo ushobora guhamya, niba binyuranye n'Ijambo, mujye kure yabyo. Uko ni ukuri. Batwawe na buri muyaga w'imyigishirize, kandi urahuha igihe icyaricyo cyose... Ni ukuri.

62 Uburusiya uyu munsi burimo burashaka mesiya usizwe. Ni iki barimo gushaka? Byagenda bite Imana iramutse ibohere reje Mesiya usizwe, Umwana w'Intama nkuko Yabikoze mu myaka igihumbi maganacyenda ishize? Bahita babizimya nkuko Herode yabikoze, bakora uko bashoboye ngo babimareho. Ni ikihe gitekerezo Uburusiya bufite kuri Mesiya? Barishakira siyansi. Barishakira umuhanga muby'ubushakashatsi usizwe... Umuhanga, intiti ishobora kunesha iyi si kubwabo, ushobora kubakubita, kandi agatwara abasigaye bose akabajyana ku kwezi, ushobora kunesha ahantu hose, ushobora kubajyana aharenze inyenyeri. Ubwo nibwo bwoko bwa mesiya Uburusiya bushaka.

Oh, Mana. Noneho mwumve, turi mu gihe cya Noheli nanone. Byagenda gute babibonye? Noneho murebe ku kintu kinyuranye n'icyo. Abantu bose basigaye Imana yaremye byabagendekera gute? Murabibona? Murabona, Imana izi icyo dukeneye, atari icyo dushaka. Noneho, mwige kuri ibyo. Byagenda bite Uburusiya bubonye umusigwa wabwo? Noneho, ntabwo bashobora kwakira Umwana w'Intama. Oya, oya, nta numwe bakwakira. Oya, mugabo, ntabwo bamushaka. Icyo nicyo kiri kuri bwo; ntabwo babishaka. Nta kintu nk'icyo bashaka. Barashaka mesiya usizwe. Rero, "mesiya" bisobanuye "umusigwa." Uko niko noneho niba bashaka umusigwa, ariko barashaka umusigwa w'umuhanga mu bya siyansi, intiti ushobora gufata utwo tuntu duto tutabonwa n'ijisho akatumanyura, ushobora kunesha ikirere, ushobora kujyana Uburusiya ku kwezi, maze akareba inyuma maze akikubita mu gituza, maze akavuga ati,"Abasigaye mwese mu isi muri imbwa; mudukorere." Uko niko biri. Icyo nicyo Uburusiya bushaka. Oh, yego, mugabo. Murazi, isi yose irimo gutaka...

63 Abadage barataka ngo babone umwe muri bo, ntabwo hashize igihe kinini. Babonye umwe. Reba icyo bamukuyeho. Murabona? Murabisobanukiwe, ese sibyo? Babonye Hitler. Kandi ni iki bamukuyeho ubwabo? Icuraburindi. Aba ba mesiya basizwe nibyo bakwiriye kubona mu gihe mwanze Mesiya w'Imana. Ni iki babonye? Igihe imigisha ya Pantekote yakubitaga Uburusiya, cyangwa Ubudage, banze ubutumwa. Barabasetse kandi bababashyira mu mu nzu z'imbohe. Ni iki bakoze? Banze Umusaraba, maze babona umusaraba wikubye inshuro ebyiri, ariwo swastika[ubwoko bw'ikimenyetso kimeze nk'umusaraba cyakoreshwaga n'ingabo za Hitler "Nazi"—Kiny.Ed]. Ntabwo bari bwakire imbabazi, noneho nta cyari gisigaye uretse urubanza. Uko ni ukuri, nshuti. Noneho, murebe aho bari uyu munsi. Murabona?

Mwitegereze, nta hantu bari bafite ubunyamuryango; bari bantu bitandukanije n'abandi. Bemera mesiya utari we. Kandi iyo Uburusiya bujya kugira umwe umeze nka gutyo, uko bakwemera iyo ntiti yabo kose, byaza kugera kuri icyo kintu kimwe; byasenya igihugu cyose. Murabona?

Ubuhinde uyu munsi burashaka umusigwa. Barashaka mesiya. Noneho mwibuke, "mesiya" bisobanuye "umusigwa." Barashaka umusigwa, ni iki bashaka? Barashaka uwabagaburira, akabaha ikintu cyo kurya, akabambika imyenda batagombye kubikorera; maze bakazamuka ndetse bamanuka imihanda nuko bakabijugunya ku ruhande rumwe cyangwa urundi. Ngaho aho muri. Ntabwo bashobora gukora; barashaka gusaba. Ni uko bashaka umuntu wera ushobora guhaguruka maze akagera mu bushorishori bw'ibiti maze akabinyeganyeza, imigati, n'inyama, n'ibindi, bikamanuka, aho hejuru ku mitwe yabo, maze bakicara aho nuko bakarya, kandi bagasinzira umunsi wose, maze bakabyuka nuko bagasanga aho imyenda myiza; ubwo nibwo bwoko bwa mesiya ubuhinde bushaka.

64 Uburusiya bukeneye intiti y'umushakashatsi kugira ababere mesiya usizwe kuri iyi Noheri. Icyo nicyo bashaka guhabwa. Ubuhinde burashaka mesiya ushobora kubagaburira kandi akabambika imyenda batagombye gukora.

Amerika, ni iki mushaka? Igitekerezo cyanyu ni ikihe, Amerika? Mwaririye mesiya. Murabizi ko, ibi birimo gufatwa kuri kasete. Mwaratatse musaba mesiya, ni iki mushaka? Mufite icyo mwasabye. Mwashakaga umunyapolitiki, kandi mwaramubonye. Noneho, ni iki mugiye kumukoresha? Uwo uzababwira nabi; icyo nicyo agiye gukora, azabohereza mu mva zanyu. Mwaramushakaga; mwabonye ibyo mwashakaga. Noneho, ni iki mugiye kumukoresha? Ari kubiganza byanyu noneho; Ahabu ugezweho na Yezebeli. Icyo kintu kimwe cyo mwirukiye hano cyitwa umudendezo, mwarongeyeye mucyirohamo mwebwe ubwanyu indi nshuro, ariko icyo nicyo mwashakaga. Mwashaka mwene abo ba Ricky bogoshe baringanije hejuru, abo ba Elvis bagezweho b'uyu munsi; mwarababonye. Mushaka abakeye, abanyapolitiki bize hamwe n'ubwonko bw'intiti; mwarabibonye. Ni gute mwabikoze? Binyuze mu binyoma, no mu bimashini bya politiki kugira ngo mubyinjize; bicishwa hejuru y'amaso y'abantu beza.

65 Noneho, ntabwo ndi Umudemukrate nta nubwo ndi Umurepublike, ndi Umukristo. Murabona, murabona? Impande zombi zaraboze. Ariko igihe umuntu yigeze agaragaza byibura ibitekerezo n'ibyiringiro bya Gikristo ku rundi ruhande, kandi noneho wahindukira maze ugashyiraho ibimashini byo gukora iki? Gutoranya izo ntiti ushaka. Ni gute mwabikoze? Mwamushyize kuri televiziyo, mukwirakwiza mu gihugu cyose, oh, mbega, mugerageza imbaraga z'ibitekerezo hagati y'abaperezida babiri bagomba gutorwa. Mutora uwo mutekereza ko afite ubwoko bw'intiti, kandi ntimwareba icyari inyuma.

66 Murabona murabona icyo mufite mu masezerano yanyu? Uh-huh. Uh-huh. Oh, ni Noheli nanone. Yego, Amerika ifite mesiya wayo; ni iki mugiye kumukorera? Mwitegereze icyo azabakorera. Murabyibuka, kimwe n'ibyo Hitileri yakoreye Ubudage. Murabyibuka; ibyo mubigumane mu bitekerezo byanyu.

Byashyizwe kuri kasete. Yego, muramufite. Nyamara, ahari hari abahagije muri ubu bubyutse bwanyuze mu gihugu, abantu batunganye basigaye bafite ibitekerezo bitinya Imana muri bo, abo bashoboraga kugira icyo bakora kandi bakakirinda umwanya muto. Ariko mwiremye ubwanyu, binyuze muri izo mekaniki zanyu, imashini ishobora kwiba amajwi, kandi ibinyamakuru byanyu bwite bigakwira mu gihugu hose; kandi ntimugire icyo mukora kugira ngo mubishyire ku murongo. Ariko murabifite. Ubwo nibwo bwoko bwa mesiya bashaka, noneho ndakeka ko ahari bari mu kiruhuko; babonye intiti, ubwonko, nyakuri, umunyabwenge, wize cyane.

67 Kandi muzi neza ndetse bitunganye inyigisho y'Umwami wacu, ko abantu babi b'uyu munsi, n'abi bihe byose, bagiye baba ari abantu babahanga. Ese ntimubizi ko abantu ba Gahini aribo bavuyemo abashakashatsi n'intiti, mu gihe ubwoko bw'Imana bari abungeri n'abandi, byerekeza ku gusenyuka? Kandi bari abo baturage b'abahinzi n'aborozi n'abandi nibo bakize mu nkuge, kandi intiti zararimbuwe. Ese ntimuziko Yesu yavuze ati,"Abana b'iki gihe, b'isi, ni abanyabwenge kuruta abana b'Ubwami"? Kubera iki? Ni abana b'intama; bakeneye umuyobozi. None barimo kugerageza guhitamo umuyobozi wabo binyuze mu bwenge, abahanga barabikora; ariko abaciye bugufi bahitamo Umuyobozi wabo, ari we Mwuka Wera. Icyo nicyo nyakuri iri torero ryakoze. Aya madini y'ibihangange ayo itorero ryahisemo, mu gihe Umubiri wa Kristo w'ukuri utoranya Umwuka Wera n'Ijambo Ryayo. Biterwa ni icyo uri kwemerera ngo kikuyobore. Umwana w'intama agomba kuyoborwa, kandi aho niho twagakwiriye kuba.

68 Noneho, bafite mesiya wabo, abo basigwa bize, bakeye, babahanga. Oh, mbega. Ntabwo higeze hahaguruka Umuperezida w'umuhanga nk'uriya muntu. Kuko, ashobora guhaguruka maze agashyiraho… Rero, ndatekereza uyu munsi cyangwa nimugoroba, cyangwa undi mwanya umunsi ukurikiyeho cyangwa ibiri, ko, numvishe birimo kuza kuri radiyo undi munsi, ibyo, bavuga ngo umubaze ikibazo cyose ushaka. Ni ukuri, mbega nk'imashini yigishijwe, icyo nicyo Amerika yizeramo, noneho reka turebe aho tugomba kugera n'ibyo. Uh-huh.

Mwanze, O Amerika, wanze Ubutumwa bwa Kristo; wanze Umwuka Wera uwo wari uhamirijwe imbere yawe, habe naho muri iyo nyubako yawe ya capitol [aho sena y'Amerika ikorera—kinya.Ed], aho imbaraga za Kristo ziyerekanye Ubwazo, kandi zikamenya ibitekerezo by'abantu, ndetse zikabasha gukiza abarwayi, ndetse zikabasha kuvumbura ahantu h'ibanga h'umutima, kandi agakora neza neza icyo Imana yavuze ko kigomba kubaho mu minsi ya nyuma, maze murabyanga; ntabwo byari bikeye cyane. Yari yavukiye mu muvure. Byanukiraga amahanga. Kandi mwibuke, izo politiki zanyu n'imihango yanyu ya kidini binukira Imana nabyo. Imana ikunda iyo mpumuro nziza ihumura iyo mibavu yo guca bugufi. Itorero ntabwo rishaka ibyo. Guca bugufi kutariko... Imana irashaka gucabugufi k'ukuri. Icyo nicyo Ikunda. Noneho, bafite ibyo bihangange byabo byize.

69 Itorero, rirashaka mesiya. Ni iki rishaka? Rirashaka intiti, imikorere ya kidini, abasigwa kugira ngo babazane ahabona… Reka mfate igihe cyanjye hano, bityo kugira ngo mu menye neza ko biri hano no mu mahanga. Itorero uyu munsi rirashaka intiti zisizwe bafite buri kintu cyose giteguye neza, bityo bakabasha kuba mu isi, abagore bagakata imisatsi yabo, bagasiga amarangi ku maso yabo, abagabo bagashaka inshuro enye cyangwa eshanu kandi bagakomeza kuba abadiyakoni, cyangwa bagakora buri kintu cyose bshaka gukora kandi bagakomeza kugumana kwatura kwabo ko ari Abakristo. Mugiye kubibona.

Ntabwo mushaka Mesiya w'Imana, Ijambo risizwe, Ijambo rigaragajwe, Ijambo ryizanye Ubwaryo riratambuka. Ntabwo mushaka ibyo. Imana yarabibohererreje. Barishakira imigenzo yabo, kandi barashaka intiti ishobora gutunganya imihango yabo kuburyo buri kintu cyose kiyunamira. Muzabibona; Uh-huh. Biri munzira birimo kuza. Mufite abana benshi muri byo, ariko hagiye kuzahagauruka sogokuru umwe muri iyi minsi, Farawo uwo utazi Yozefu. Icyo nicyo mushaka; icyo nicyo itorero... Mushobora kubona muri buri nzira barimo kubikoramo, yego, mugabo, ubwo buryo bumwe.

70 Ibyahishuwe 17 mu buryo bweruye bisobanura, kuri uwo maraya wa kera n'abakobwa be. Neza neza. Kandi bose bazagaruka kwa nyina, kandi biri mu nzira biza kugira ngp bakore itorero rimwe ry'isi yose. Mugiye kuzabona neza neza, amadini, icyo mushaka. Munyumve. Bizasohora noneho. Kandi nshobora kuba naragiye icyo gihe. Ariko abo batazabyemera ko igihe Umucyo wa nimugoroba utangiye kurenga kandi ugasohoka, bazareba aho hose, bazabona ko barimo guhatwa n'idini yabo kwinjira mu kintu, kandi amadini yabo yabyemeye kugira ngo ikize amasura yabo. Ibyo bose bazakora. Ariko abo bantu bashaka iyo mikorere, abo bemeye imikorere y'Imana, Umwuka Wera n'Ijambo, baravuga bati, "Uriya muntu ashobora kuba afite ukuri." Ahari bishobora kuba byakerewe noneho.

Tubona Abangilikani, Abapresbyteriani, Ababatista, ibyo bintu byose biza muri Full Gospel Business Men, buri muntu arimo ashaka uko yabona Umwuka Wera. Ese abantu ntabwo babasha kubona ko ari kuri iyi saha aribwo Umukwe aza, igihe abari basinziriye bagerageje kwinjira maze bakagura amavuta? Ubwo nibwo Yesu yavuze ko Umukwe yaje maze Arinjira, kandi bari batarinjira. Ni ikihe kibazo aba bantu bafite? Ese barimo kubisakuza, mu gihe Bibiliya ihamiriza ko batari binjira? Kandi mu gihe barimo bagerageza gukora ibyo, Umukwe araza, maze bajugunywa hanze mu mwijima. Ibyo byari ibiki? Bashobobora kuba bari bafite ubwoko bwose bwo kwiyumva, ubwoko bwose bw'amarangi yo kwisiga, ubwoko bwose bwo

kwiyumvayumva ibyo byasaga nkaho ari ikimenyetso cyawo; ariko Itorero ryari ryamaze gushyirwaho ikimenyetso kandi Ryagiye. Uh-huh. Ibyo bishobora kuba ari ubuhanuzi.

71 Barashaka ikintu; barashaka ikintu kuburyo babaho mu buryo bwose bashaka. Bo… Icyo nicyo itorero ry'isi ririmo gushaka, umuntu runaka uwo ushobora gutuma bajya mu itorero rinini cyane mu murwa aho ibyamamare byose by'umugi bibarizwa. Aho bashobora kugira agasongero karekare cyane ku nyubako. Bashobora kugira icyuma gicuranga cyiza cyane. Bashobora kugira intebe zegamirwa. Bakagira ababwiriza badashobora kugira icyo bavuga ku bijyanye n'uburyo babaho; iyo bashaka kubyina, bakaba bashaka kwambara mwene ibyo bibagaragaza, bakaba bashaka kwambara amakabutura, bakaba bashaka kogosha imisatsi yabo, cyangwa bakaba bashaka gukora ibi bintu; bakaba banywa itabi cyangwa bagasangira agacupa. Ibyo bigakorwa mu itorero; uko kunywa inzoga kugezweho, ukaba wakwigisha abana bawe kunywa inzoga, ariko bidakabije, ntube umuntu ukabya muri byo. Ukambara buri kintu cyose ushaka, ariko ugakomeza kwirinda ubwawe nk'utunganye mu byo azi byose cyangwa ashoboye. Murabona? Oh, ubwo ni uburyarya, ni dayimoni isizwe, icyo kintu cyitwa idini, icyo kintu cyitwa iyobokamana, ni icya satani. Kugaruka kuri Kristo n'Ijambo Rye. Mwikize iki gisekuru kitagaragaza aho cyerekeje. Mwihane. Kandi bishobora kuba igihe icyaricyo cyose.

72 Mu gihe tubona umwari usinziriye akora mu buryo arimo gukora, bisa nkaho byakwiye gukanga abantu bakagira ubwoba. Ahubwo aho kuba ibyo, baratekereje bati, "Oh, icyubahiro kibe icy'Imana, ese ibi ntibitangaje? Helleluya." Oh, mbega. Mbega ni kure he abantu bashobora kugera? Uh-huh. Ni imiterere bwoko ki bashobora kugeramo muri ibyo bitekerezo byabo bya politiki, hamwe ni iyo myumvire yabo igezweho, badafite na kimwe bazi ku Ijambo ry'Imana barutwa n'uko umuturage wo mu bwoko bwabanama muri afurika y'amajyepfo yaba afite icyo azi ku bagendera ku mafarasi bo muri Egiputa. Uko ni ukuri. Ni imyumvire ya tewolojiya kuri ryo, cyangwa ibintu by'iyigamyifatire ibyo beretswe mu buryo bw'imihango cyangwa ibintu runaka, kandi Abapantekote bari nabyo kuburyo bukabije. Mumbabarire iyo mvugo. Ibi bintu byinshi by'abagore babwiriza n'ibindi, ni ibifite inkomoko kuri byo. Ni ukuri. Kandi ngaho aho muri. Barabyina, za rock-and-roll, amashuri, ubwo nibwo bwoko bw'itorero isi ishaka. Ubwo nibwo bwoko bwa mesiya bashaka; uwo ushobora kubunga bakaba umwe. Mugiye kuzamubona umwe. Uh-huh. Uwo mwuka wamaze gutangira gukora mu bana b'abantu. Uko ni ukuri. Bagakomeza kwiyita Abakristo, bazabibona.

73 Imana yarawohereje, Iwohereza kuri twe muri 1963, niba Imana izawutwoherereza mu 1963, uko gusigwa kumwe Yatanze aho kera ku itangira, dushobora kubyanga nkuko babyanze icyo gihe. Kubera ko iyo Uwo musigwa, Mesiya, aje ku itorero, Azaba ameze nkuko Bibiliya yavuze Azaba. Abaheburayo 13:8, haravuga hati, "Yesu Kristo uko yari ejo hashize, niko ari uyu munsi, n'iteka." Noneho iyo dusabye Mesiya, Uwo musigwa, ni iki, ese tuba dushaka umunyapolitiki wihaye Imana? Ese tuba dushaka intiti y'umusirikare? Ese tuba dushaka umushakashatsi wize cyane? Kandi tuba dushaka Umwana w'Intama, tuba dushaka Umwana w'Intama uzongera kubagarura, atari kubw'icyubahiro cye ubwe, ahubwo kubw'Ijambo, bakagaruka... Umwe wawundi uzababwira Ukuri atitaye kucyo biricyo (Murabona?), ugumane neza nabyo, ujye ku murongo wabyo. Ntabwo babishaka.

Aramutse aje none Yaba ameze nkuko Yari ameze icyo gihe, Yagumana neza neza n'Ijambo rya Data. Yaba azi neza ko buri Jambo ryose ryasezeranijwe muri Bibiliya ryagaragajwe ku bana b'abantu. Uko ni ukuri neza neza.

74 Yesu yaravuze ati, "Ninde wampamya icyaha? Ninde wanshinja icyaha, kutizera? Niba buri kintu Data yavuze ko Nzakora, niba ntagikoze noneho mumbwire aho nabinyuranyije. (Amena.) Mumbwire aho ntabishyikira." Amena. Murazi, icyaha ni ukutizera. Uko ni ukuri. Ibyo turabizi. "Ninde wanyereka aho ntigeze mbyuzuza," Aravuga ati, "buri Jambo Data yavuze nzarikora? Ni nde wantunga urutoki maze akavuga ko ntabikoze? Ninde muri mwe? Noneho ni ukubera ki batigeze bamuva inyuma? Kubera ko byari byarahanuwe ko bazabikora. Uko ni ukuri. Ariko Azakomeza Ijambo rya Data neza neza nkuko yabikoze ubwa mbere. Azabikomeza neza neza, kubera Adashobora guhinduka, kubera ko Imana ari Ijambo. Kubera ko icyo nicyo neza neza Aricyo; We ni Ijambo. Kandi We ni Ijambo ki? We ni Umwuka Wera uwo ufata Ijambo ry'Imana maze ukarigaragaza. Icyo nicyo Yesu Kristo aricyo neza neza... " Igihe Imana Umwuka, Data, yambaye umubiri hagati muri twe mu ishusho y'umwana Wayo, Yafashe Ijambo ry'Imana maze ararigaragaza, aryereka abantu, kandi ntabwo bashakaga ubwo bwoko bumeze buryo. Bari bafite imihango yabo bwite; bari bafite amadini yabo bwite; kandi ibyo byari binyuranye n'ayo madini yabo yose; kandi kubw'ibyo, ntabwo bigeze babyakira.

75 Kandi bishobora kuba ibyo bintu bimwe uyu munsi. Niba Mesiya ashobora kuza, Azafata ibintu Imana yasezeranye hano, kandi ibi biri muri Bibiliya, maze abigaragaze imbere y'abana b'abantu, kandi buri dini yose izamwirukana. Ntabwo babishaka. Ntacyo bafite gukorana nabyo. Ariko icyo nicyo Imana yagombaga kubohereza. Iramutse igize icyo ibohereza, kizaba ari icyo. Kandi noneho bazabicira urubanza, maze bizanire gucirwa urubanza bo ubwabo, kuri iyo nyokomuntu, kimwe n'uko abo Bayahudi bakoze muri iyo minsi, kandi abasigaye bo muri bo. Yego, mugabo.

Muzi icyo Yakora Mesiya aramutse aje mu 1963, muzi icyo yakora? Yacagaguramo aya madini dufite.

Ibi bintu byose yabyambika ubusa akabishyira hasi. Rero, bavuga bati,"Ni iki We… Dogiteri Runaka na runaka cyangwa Dogiteri runaka na runaka?"

Ashobora kuvuga ati, "Muri aba so Satani, kandi imirimo ye niyo mukora." Neza neza icyo nicyo yavuga. Ntabwo yahinduka mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ntiyigeze abikora mu itangira, kandi Ari uyu munsi nkuko Yari Ari ejo hashize. Buri kintu cyose cyari kinyuranye n'Ijambo, Yabyitaga gutyo. Yashoboraga kuvuga ati, "Muri aba so Satani, n'imirimo ye niyo mukora; abakora imimo inyuranye ni Ijambo Rye." Uko ni ukuri. Kandi icyo ni ikimenyetso cya Mesiya cyagomba kumuherekeza. Uko ni ukuri. Noneho Yashoboraga guhagarara kuri bo maze akavuga ati, "Ni gute naba ntarabisohoje n'ibiki byabayeho? Ninde muri mwe washinja kutizera?" Murabona?

76 Ariko bagerageza kumuhinduramo nk'igipupe, bakamupakira bakamujyana bamuvana ahantu hamwe bajya ahandi kimwe n'uko bariya Bafarisayo bibikoze; bamumanuye aho hepfo kugira ngo bajye kwishimisha kugira ngp babashe kubona itsinda rinini ry'abashyitsi aho, bagerageza guhamya ko atari Umuhanuzi. Muzi iyo nkuru nabwirije kuri byo. Murabona? Bazakora ibyo bintu bimwe uyu munsi ni gute bashobora kujya hamwe kugira ngo bazane ibyo byo kubanezeza, bazakora ibyo bintu bimwe. Kandi Azajyayo. Halleluya. Azajyayo, kubera ko igihe cyose Ajya aho Yatumiwe, igihe Yamenye icyo bariya Bafarisayo bari bagiye gukora. Yari Aziko ntacyo Abafarisayo bashakiraga. Yari abizi ko bafite ibirego bahishe ahantu. Abo Bafarisayo ntacyo bari bafite gukorana na We; baramwangaga.

Kandi uyu Simoni wa kera yashakaga ko Yamanuka aho hepfo bityo kugira ngo arebe ko yazana igihiriri cy' abantu iwe. Ariko Yarabizi. Ajyayo. Ese bigeze bamwitaho? Bari bitaye ku banyacyubahiro. Yicara aho hamwe n'ibyo birenge bidakarabye. Byashoboraga kuba ibintu bimwe uyu munsi. Ntabwo bashaka Kristo. Ntabwo bashaka Kristo. Ntabwo bashaka inzira z'Imana. Murabona?

77 Yego, Yesu yashoboraga kuvuga ati, "Muri aba so satani." Kandi abo bantu bakomezaga ayo mategeko n'ibindi na buri kintu mu madini yabo n'imigenzo kuri buri nyuguti; bozaga inkono. Maze Yesu aravuga ati, "Mwafashe imigenzo Yanyu maze muhindura Ijambo ry'Imana ubusa kubera iyo migenzo yanyu." Kandi Abaheburayo 9:12 haravuga aho, ndibwira, oya, ni Abaheburayo 12... oya, 9:12 ndibwira ko ariho, ahantu runaka muri aho, aravuga ngo iyo twejejwe kandi tukababarirwa , tuba twejejweho iyo mirimo ipfuye y'umubiri. Kandi igihe tubabariwe nyakuri kubw'ibyaha byacu binyuze mu Maraso ya Yesu Kristo, Umwuka Wera uza muri twe kandi tukaba dupfuye hamwe n'imirimo y'umubiri.

Oh, mwe torero ry'Abapantekote, kubera iki mwakoze iryo kosa? Mwa mpumyi mwe zirandase izindi mpumyi, ntabwo muziko ibyo mwabivuyemo hashize imyaka mirongwitanu ishize, noneho mugasubiza iri tsinda muri icyo kintu? Ese ntimushobora kumva Ijambo ry'Umwami? Mwa magufa yumye mwe, ni ikihe kibazo mufite? Ntabwo mwakwakira icyo abohereje. Ntabwo babishobora noneho; ntabwo babishobora ubu.

78 Noneho, niki muzi? Nanone, niko indi nshuro imigambi yabo n'imigambi y'isi y'amadini n'imigenzo yasenyutse. Imana ntabwo yigeze iduha imigenzo. Ntabwo yigeze iduha idini. Ndashaka umuntu unyereka muri Bibiliya aho Yabikoze. Nashobora kubereka aho Yavuze ko mutagomba kubikora. Munyereke aho yavuze ngo mubikore. Muravuga muti,"Noneho, Mwene Data Branham, ni iki Yesu yahaye abantu?" Ubwami. Halleluya. Kandi ni We Mwami, Umwami w'abera, Umwami w'abami. Yaduhaye Ubwami, ntabwo ari umunyapolitiki, imikorere ya kidini, ahubwo Ubwami. Yabwiye Pilato; Pilato aravuga ati, "Ni Wowe Mwami w'Abayuda??"

Aravuga ati, "Urabivuze." Aravuga ati, "Iyo Ubwami Bwanjye buba ubw'iy'isi, abantu Banjye bajyaga kundwanira, ariko Ubwami Bwanjye ni ubwo hejuru."

79 Kandi kubera iki dukwiriye gufata kuri ibi bintu by'isi mu gihe turi abana b'Ubwami buri hejuru? Murabona, hari ahantu hari ikintu kitagenda. Ariko ntabwo twahawe imikorere. Ntabwo twahawe ishyirahamwe; ntabwo twahawe ubuyobozi bwa politiki bw'isi; ahubwo twahawe Ubwami bworoheje, nkuko ubuzima bw'Umwana w'Intama buri muri twe. Atari ubw'isi, ntabwo mukiri ab'isi. "Bana bato, ntabwo muri ab'isi. Ndasenga, Data, ngo nkuko ntari uw'isi, kugira ngo bataba ab'isi." Murabona? Icyo nicyo Yesu yasengeye kuri twe. Maze noneho turahindukira nuko twishyira ubwacu mu mishubi y'isi muri mwene aho abantu b'ubwoko bwose batwawemo. Noneho, murazi nta torero mu isi rihari rituzuye inryarya. Kandi Yesu yaravuze ati, "Ntimukifatanye n'abatizera ubwanyu."

80 Noneho kubera iki twakwifatanya n'ishyirahamwe mu gihe Ubwami bw'Imana twabuhawe kugira ngo tubuvukemo? Kandi hakaba nta nryarya iburimo; bose barera, ni abahungu n'abakobwa b'Imana batavangiye, abo bizera Ijambo Ryayo kuva mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe maze bakagumana na Ryo. Kandi ubuzima bwabo burabihamya, kandi Imana ihamiriza Ijambo Ryayo kuri bwo. Uwo ni we Mesiya. Uwo ni Umugore wa Mesiya.

Kandi Imana yashyize muri iyo mikorere abigisha, Pasteri, abahanuzi, n'abandi, kugira bakomeze ubwo buzima bwa Mesiya uko bumeze neza neza aho, atari ukubuvanga n'imigenzo y'amadini, ahubwo bakarandura ibyo bintu bakabita hanze maze bakarinda Itorero ritunganye kuri Kristo n'Ijambo Ryayo

ritavangiye.

Ese mutekereza ko itorero rizabyakira? Rizabijugunya hanze; ntacyo akeneye gukorana nabyo. Bafite iyo mikorere yabo ya kidini. Ndetse kimwe nka Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ifite intiti zayo, uko niko n'itorero rizagira intiti zaryo. Rizazigira, mwitegereze gusa. Biri munzira aka kanya biza. Barangije kwivanga ubwabo muri byo.

81 Ariko dufite Ubwami, kandi muri ubu Bwami ifitemo Ubugingo Buhoraho, ntabwo ari ubunyamuryango, ahubwo ni Ubugingo Buhoraho. Kandi buyobowe n'Umwami w'iteka; Ubwami buhoraho bwuzuye Ubugingo Buhoraho, bugenzuwe n'Umwami uhoraho, ku bantu bahoraho aho bamenywe mbere y'imfatiro z'isi. "Kubera ko abo Yamenye mbere, Yarabahamagaye; kandi abo Yahamagaye, Yarabatsindishirije; kandi abo Yatsindishirije, Yabahaye ubwiza" Abaheburayo 11. Uko ni ukuri.

Noneho, biterwa n'icyo urimo gushaka. Niba uri Abraham, ubwo urimo urashaka Ubwami. Nshobora kubibereka muri iki gitondo. Yego, mugabo. Noneho, Ubwami bw'iteka bwuzuye Ubugingo bw'Iteka, bugenzuwe n'Umwami w'iteka binyuze mu Ijambo Rye ry'iteka ku bantu bamenywe mbere b'iteka, ngaho aho biri. Kubera iki? Niko byahoze igihe cyose, igihe cyose niko bizahora, ntabwo byigeze bigira itangiriro cyangwa iherezo. Mu bitekerezo by'Imana byari kuri uwo... Igihe byari kumwe n'Imana iteka. Kandi umugambi w'Imana ukaba usohojwe.

82 Uko niko iyi isi iri gucikamo ibice. Reka igwe iruhande; ibyo nta kibazo; igiye kubikora uko biri kose. Ni iki Mika yavuze hano, ni iki Mika yarimo avugaho hano? Imisozi izayenga; izamera nk'bishashara kandi izasukika nk'urubura itembe, cyangwa nk'iyo myuka ishyushye iva mu butaka. Izayenga kandi iveho, ariko Yehova azagumaho iteka. "Ibiremwa byose ni ibyatsi, guhumeka kw'Imana guhuha kuri byo byaba ari indabyo, ibyatsi, uko byaba bifite ubwiza, biruma bigashiraho; ariko Ijambo ry'Imana yacu rigumaho iteka," Yesaya 40 yahanuraga kuza kwa Mesiya, avuga ibyo. Imigenzo yacu yose, imikorere y'amadini, amashuri, intiti, na buri kintu kindi, bizashira, ariko Ijambo ry'Imana rizagumaho iteka. "Kuri uru rutare nzubakaho Itorero Ryanjye; amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora."

83 Turi mu gihe cya Noheri. Ntabwo nari nziko turibuze kugera kuri iki gihe cy'umunsi. Numva ntakaye iyo ntekereje kuburyo dukeneye amasaha. Ndibwihutishe. Yego.

Kandi twavutse muri ubu Bwami kandi dushobora… Twe Abakristo bizera kandi bakaba bari muri ubu Bwami… Noneho, hano muri iki Gitabo cy'Abaheburayo, aho twahoze dusoma, "Kubera ko twakiriye Ubwami," ntabwo twakiriye umugenzo, ntabwo twakiriye imikorere. "Twakiriye Ubwami ubwo budashobora kwimurwa." Ubwami bwacitsemo ibice; uko ni ukuri. Kandi buri munyapolitiki, buri dini, kandi buri torero rizacikamo ibice; ariko twakira Ubwami budashobora guhanguka. "Kuko niba abo baramwanze Avugira ku Musozi Sinayi, maze isi ikanyeganyezwa n'Ijwi Rye, ni kangahe biruseho tubona ko tutakwiye kumwanga (Inde?) We (Ijambo Rye) uwo uvugira mu ijuru," biturutse mu Bwami Bwe, kubera ko turi Ubwami butazanguka. Amena. Buri kintu cyose kiri hanze y'ibyo... Imana yohereje buri kintu kandi ikigira icyoroshye kuburyo gishobora kuvunika. Muri iyo mimerere yacyo yoroshye nk'iyo, kigomba kuvunika. Kiroroshye.

Ariko mwibuke, ko dufite Ubwami bukomeye ubu, mu gihe buri kintu kindi kigwa kandi kikavaho. Ntibitangaje ko Eddie Perronet yavuze ati, "Kuri Kristo Rutare rukomeye niho mpagaze, ahandi hose ni umucanga unyerera." Ubwami, atari imikorere ya giporitiki, atari imikorere ya politiki, atari imikorere y'itorero, atari imikorere ya kidini, byose byari byarahindutse Abafarisayo n'abigisha ba Satani. Ariko twakira Ubwami, Ubwami bw'iteka Ari We Jambo ry'iteka, ni We ufite Ubugingo Buhoraho binyuze mu Ijambo Rye ry'iteka ku bantu Be b'iteka bafite Ubugingo bw'Iteka; kandi turi abagabana kuri ibi. Oh, mbega. Icyo nicyo kintu.

84 Noneho, ikintu cyose cyagukurura kikujyana kure y'Ibyo icyo kiba gipfuye; uwo ni mesiya w'ikinyoma, ni ugusigwa kw'ikinyoma. Oh, aravuga ati, "Mwene Data afite uko gusigwa." Ni ubuhe bwoko bwo gusigwa? Niko biri. Hitler nawe yari afite gusigwa. Khrushchev nawe aragufite. Papa Pius nawe yaragufite. Ni ugusigwa bwoko ki mufite? Niba kudasizwe n'iri Jambo kandi ngo guhamirize ko buri Jambo ari Ukuri, ibyo ntubyiteho; ibyo birapfuye. Niba Ritororotse Ubwaryo, ubwo riba ridafite ubuzima bw'imbuto muri ryo . Rizerekana ibara Ryaryo. Oh, baravuga bati, "Ibyo byari ibyo mu kindi gisekuru. Twe..." Ibyo bintu mubireke byonyine. Yesu Kristo Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Yego, mugabo.

Uko niko igihe iyi isi icitsemo ibice, twavutse mu Bwami budashobora gucikamo ibice. Ese mwizera ko isi iri gucikamo ibice? Imikorere yayo irimo gucikamo ibice. Ese ibyo murabyizera? Ese mwizera ko imikorere y'ubukungu irimo gucikamo ibice? Imikorere ya politiki irimo gucikamo ibice. Igihugu, U.N. imikorere yabo irimo gucikamo ibice. Itorero ririmo gucikamo ibice. Amadini arimo gucikamo ibice. Buri kintu kirimo gucikamo ibice. Ariko dufite Ubwami budashobora guhanguka; Ni Ubwami bw'iteka bw'Imana; ntabwo bwahanguka.

85 Twabwiwe ko imikorere mishya yaya madini, yo kuzana iyi Inama y'Isi y'Amatorero, ko bizazana

amahoro mu isi. Mbega kutita ku bintu, mbega igisuzuguriro gikabije mu maso ya Kristo. Mbega ibidakwiriye, mbega ukuntu ari igitutsi. Ni ibya Satani. Ese umuntu yashobora gushyira ibintu mu murongo kurusha uko Imana yashobora kubyohereza? Umunara w'i Babel. Iyo nindi Babyloni igomba gusenyuka; Amahoro ku isi, mesiya w'ikinyoma, antikristo mu nyigisho ze. Nigute wateranya aya madini yose hamwe mu gihe atanashobora... Nta nubwo bashobora kumvikana umwe ku wundi mu gihe bavuyemo uduce twinshi nk'utwo, ni gute bishyira hamwe kandi bakagera aho? Yego. Murabona, ni imitegurire mibi. Ibyo byose birakorwa kugira ngo babashe kwinjiza ubuporoso mu baromani, ibintu bipfuye, inyigisho z'antikristo.

Ubwami bw'Imana ntabwo ari ubw'iyi si. Yesu niko yavuze ati, "Ubwami Bwanjye ntabwo ari ubw'isi."

86 Ni kubw'ibyo ubwami bwishyize hamwe muri iy'isi, ni mesiya w'ikinyoma, uyu mesiya ugiye guherezwa itorero ry'abaporoso vuba aha cyane, uwo bazakira; kubera ko bamutegereje. Barimo barashaka uburyo bwatuma bigerwaho bati, "Rero, noneho, twe Abametodiste n'Ababatista, nyakuri, twe tumeze nk'abatumvikana, murabizi. Twe Abapresbyterian, natwe Abapantekote, oh, itandukaniro ryabo ni irihe, mwene Data? "Hari itandukaniro. Imana yabaremye uburyo butandukanye. "Ariko, rero, ariko ibyo twabitanzeho ibitambo." Kandi uko kwigisha gukomeye kw'ibwirizabutumwa kwanyu, mwarakuretse. Ni gute muzinjira hariya hamwe n'icyo gihiriri cy'abantu batagira icyo bizera, bamwe muri bo ari n'abahanamana? Noneho mesiya w'ikinyoma ni icyo ari cyo. Uko ni ukuri. Yego, mugabo.

87 Noneho, Ubwami bw'Imana ntabwo ari ubw'iyi si. Kandi igihe Kristo yari hano, Yaduhaye gahunda y'ubu Bwami, Ubwami bwa Data, aribwo Jambo Ryayo. Noneho, niba ushaka kumenya uko winjira muri ubwo Bwami, iri Jambo rirabifite. Nuramuka winjiyemo unyuze mu muryango ubonetse wose... Ugomba kwinjirira mu muryango abandi bose binjiriyemo. Nuramuka ugerageje guhimba ahandi ho kwinjirira, ubwo, uzaba uri umujura n'umusahuzi. Kandi Yaravuze ati, "Uzongeraho ijambo rimwe kuri Iri, cyangwa agakuraho ijambo rimwe kuri Ryo, uwo nawe azakurwaho, umugabane we, uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Noneho niba wemeza ko ufite izina mu Gitabo cy'Ubugingo, niba urifite, ntutume rikurwamo.

Igihe, Petero ku munsi wa Pantekote yakinguye umuryango winjira mu Bwami... Yarabikoze. Ubwami bwatangirijwe aho i Yerusalemu. Ndashaka umuntu umbwira ukuntu Itorero ryatangiriye i Roma. Ndashaka umuntu wabimpamiriza. Itorero ntiryigeze ritangirira i Roma; Itorero ryatangiriye i Yerusalemu. Ubwami bwatangiye ku munsi wa Pantekote. Kandi igihe abantu bashaka kumenya uburyo abantu binjira muri ubu Bwami, Petero yaravuze ati, "Mwihane, umuntu wese muri mwe, maze abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi muzahabwa impano y'Umwuka Wera," Kubera ko icyo nicyo cyabinjije mu Bwami. Indi gahunda yose, binyuze mu madini cyangwa gukorana mu biganza, cyangwa ikindi kintu kindi, ni mesiya w'ikinyoma. Uko waba wamamaye kose, uko waba uzwi kose uri uw'ingenzi, kandi ushobora kuba umudiyakoni, yewe waba na pasteri cyangwa bishop, cyangwa umukuru cyangwa ukuriye itorero ku rwego rw'igihugu; icyo waba uri cyo cyose, biba bipfuye kugeza ubwo ugaruka ku Mwana w'Intama uciye bugufi n'Ubwami Bwe.

88 Noneho, mwitegereze. Kandi yaduhaye gahunda, Ijambo rya Data. Kandi umwizera w'ukuri ararikomeza, kubera ko ntabwo yabyihanganira; ni Ubwami bw'Imana muri we. Kandi kimwe na Abraham, yitaga buri kintu cyose kinyuranye n'Ijambo ry'Imana nkaho kitariho. Kandi hagize umuntu ukubwira ko ririya dini ari iry'Imana, uzabifate nkuko Abraham yabikoraga. Umuntu naramuka akubwiye ngo, ugomba kubatizwa ku gahanga, cyangwa akantu gato k'iyo mikorere cyangwa ikintu kinyuranye n'Ijambo ry'Imana, ntukabyizere. Ujye ubifata nkaho bitariho.

Nibaramuka bavuze bati, "Rero, ubu, mukundwa, ntacyo bitwaye kuri wowe gukora nk'ibi." Ntukabyizere, igihe Imana… Akavuga ati, "Ntacyo bitwaye ko abagore biyogoshesha," mu gihe Ijambo ry'Imana ryavuze ko ari ikizira kuri Yo kubikora. Igihe uvuze uti, "Rero, njye nambara amapantalo. Ntabwo nambara amakabutura." Imana yaravuze ngo umugore wambara imyambaro yagenewe abagabo, ni ikizira kuri Yo. Bibiliya yavuze ko ari bibi ku mugore kogosha umusatsi; ndetse biteye isoni kuri we gusenga n'ibindi nk'ibyo. Habe n'umutwe utwikuruwe, aba asuzuguje umutwe we. Imana ibiturinde. Kandi iyo mikorere ikubwira ko ntacyo bitwaye kubikora, ntukabyizere. Ni ugusigwa gupfuye. Ni Kristo utariwe. Binyuranye n'Ijambo ry'Imana. Umukiranutsi akomeza Ijambo ry'Imana, kubera ko ni gahunda y'imikorere y'iteka y'Imana.

89 Igihe Imana yaremye umuntu, Yamuremye mu nzira imwe. Yaremye umugore; Imurema mu yindi nzira… yamuremye muyindi nzira. Hari amasezerano abiri atandukanye, gahunda ebyiri zitandukanye, baratandukanye rwose hagati yabo. Kandi ntabwo bameze kimwe. Kandi ntabwo basa; nta nubwo bakora kimwe; baratandukanye ku buryo bwuzuye. Noneho abagore barimo kugerageza kuba nk'abagabo, n'abagabo bigeze cyabagore kuburyo bameze nk'abagore.

Nabonye umuhungu ejo hashize muri Cincinnati, yasaga nka Mrs. Kennedy, uburyo umusatsi we… wari hanze nka gutya. Imana ishaka ko umugabo asa n'umugabo, kandi ishaka ko umugore asa n'umugore.

Ndababwiye, iyi mikorere ya Yezebeli ya Satani yateye isi yose kujya mu kwangirika, nta hantu hazima hahari muri yo. Yose yabaye nk'igisebe cy'umufunzo, umufunzo wa kanseri, ikibyimba kinini cya

Satani kirimo kimunga ako gatima aho muri iyo mikorere iyo bamaze gutangira hano. Satani ni inkongoro [vulture] igaburira ubwami bwayo. Ni dayimoni; ntabwo atunganye; ni se w'ikinyoma, kandi arya imibiri y'abantu be; Satani.

90 Kristo ni Umwami w'Abami kandi Umutware w'Abatware, Mesiya usizwe. Umwizera akomeza iryo Jambo. Imana n'Ijambo Ryayo ni Umwe. Njye n'Ijambo ryanjye turi umwe. Wowe n'ijambo ryawe muri umwe. Noneho ntukuname, ujye ukoresha ibitekerezo byawe; ukoreshe ibitekerezo Bye, noneho uba uri igice cy'Imana kubera Ijambo Ryayo kandi mugahinduka umwe. Murabona? Noneho uri Ubwami.

Abraham yitaga buri kintu cyose kinyuranye n'isezerano ry'Imana nkaho kitariho. Yego, we… Kimwe n'iyi mikorere yahimbwe n'umuntu muri iyi minsi, azakora ibyo bintu bimwe. Noneho kubwo kuba muri ubwo bwami… Ngiye gusoza; ngiye kureka zimwe muri izi nyandiko maze nsoze. Murebe, niko biri...

Kubwo kuba muri ubwo Bwami, ni iki kiba? Noneho, uku kubacyaha kose, ariko mu kwitonda no kubaha n'ubunyakuri, kimwe no ku murimo nahawe kubw'Ijambo ry'Imana, uwo nahawe n'Umwuka Wera wo kuragira umukumbi uwo Yandagije, kubwo kuba inyangamugayo kuri wo, nkagumana nawo ntitaye ku cyaza cyose, ibyo binyeganyeza bijyana iburyo cyangwa ibumoso maze nkagumana hano n'iri Jambo... Uyu ni umurimo. Noneho niba twakira Ubwami...

91 "Mwene Data Branham, aba bantu bose bandi barabazabati, ' Ese uri uwo muri he dini?'"

Ndavuga nti, "ntaryo."

"Uri iki?"

"Kubera ko turi mu Bwami."

"Rero, nihe duhurira muri ibi, ese aho nihe turimo kujya?"

"Twashyizwe ahantu ho mu ijuru muri Kristo Yesu, tuzamurwa hejuru Imbere y'Umwami wacu" Ubwami… Icyubahiro kibe icy'Imana. Noneho ndumva ntangiye gufashwa. Ubwami bw'Imana aho bahurira hamwe, Umwuka Wera ukabazamura hejuru mu Kugaragara k'Umwami, kandi tukicara hamwe ahantu ho mu ijuru igihe tubatijwe muri Kristo Yesu. Aho niho tubarizwa.

92 Umugore wanjye yarambwiye igihe twarimo tujya ku isoko, narabibabwiye mu mpeshyi ishize, twabonye umugore umwe wari wambaye ikanzu. Cyari ikintu kidasanzwe. Yagaragaraga nk'udasanzwe. Murabona? Arambwira ati, "Kubera iki biriya? Abo bagore turabazi. Bamwe muri bo baririmba muri korari ahantu hano."

oh, nshuti. Ngiye kuvuga ibi, nubwo birimo gushyirwa kuri kasete, nshobora kubivuga uko biri kose. Murazi, kandi ibi ndabivuga binyuze mu bwitonzi no kubaha. Noneho mube muretse gato. Mwabonye ibihumbi byinshi cyane biza ku gicaniro, kandi mwagiye mubibona bisohora hatabaye n'ikosa rimwe... Kandi mwene Data Arganbright hano azi ibice by'isi twagiye tubamo, aho hose hakurya y'inyanja; nta na rimwe byigeze binanirwa keretse ko icyo byavuze cyari ukuri. Igihe ngiye aho hantu maze nkabona ayo makorari yambaye amakanzu, abo bagore n'abagabo bahagaze aho bambaye ayo makanzu y'i Gorogota, maze ukubamva baririmba nk'ibiremwa by'abamarayika, hamwe n'Umwuka w'uburondozi iyo ndebye aho hepfo muri bo, biramutse bibaye ngombwa muri iki gitondo ko njya gukuramo batanu muri bo mu isi yose, baba badahamwe no kuba banduye, ntabwo nzi aho nabasanga. Icyo nicyo mvuze, ariko ni ukuri; Imana irabizi. Kandi ikiganza cyanjye hano kiri kuri Bibiliya. Uko ni ukuri. Ntabwo nzi aho nabasanga. Murabona, niba Imana yavuze iti, "Genda ushake batanu uzi." navuga nti, "Ntabwo nzi aho najya." Oh, mbega. Mwene iyo mikorere, iyo myanda...

93 Icyo nicyo isi ishaka. Icyo nicyo yashakaga icyo gihe; icyo nicyo ishaka nonaha. Kandi icyo nicyo igiye kubona ubu. Abagabo bahagaze aho, agasohokana n'umugore w'umuturanyi we, bakanywa inzoga, bakanywa itabi, kandi bafite ayo makanzu yo kubihisha, niko batekereza... Imana ireba muri ibyo bicocero. Uwo Eva uhagaze aho yuzuye ayo makosa no kwandura mu mutima we... Iyo biba byahinduka amazi, byajyaga kuba byatwara ubwato. Maze bagahagarara aho hamwe n'izo mpano binyuze muri kamere akaba yaramenye kuririmba, maze agakomeza ijwi rye kugeza ubwo aba umukara mu maso, hafi, arimo agerageza kuririmba nk'abamarayika bamwe cyangwa ikindi kintu kindi nk'icyo, kandi munsi mu imbere muri iyo kanzu, hari ibiteye ubwoba, kwandura, umwanda... Kandi ushobora guhagarara ku gicaniro maze ukabivuga, ubwo azazamura umunwa hejuru, usize amarangi, ahite yisohokera muri iyo nyubako, avuge ati, "Ntabwo njya numva ibintu nk'ibyo." Ariko umunsi umwe uzataka uri ikuzimu urimo usaba ko bakugirira imbabazi. Ubwo uzaba wakerewe cyane. Ukwiriye kubyakira mu gihe ugifite amahirwe yo kubyakira. Kandi wowe... Oh, mbega

94 Icyo nicyo isi ishaka. Icyo nicyo yashakaga icyo gihe; icyo nicyo ishaka nonaha. Kandi icyo nicyo igiye kubona ubu. Abagabo bahagaze aho, agasohokana n'umugore w'umuturanyi we, bakanywa inzoga, bakanywa itabi, kandi bafite ayo makanzu yo kubihisha, niko batekereza... Imana ireba muri ibyo bicocero. Uwo Eva uhagaze aho yuzuye ayo makosa no kwandura mu mutima we... Iyo biba byahinduka

amazi, byajyaga kuba byatwara ubwato. Maze bagahagarara aho hamwe n'izo mpano binyuze muri kamere akaba yaramenye kuririmba, maze agakomeza ijwi rye kugeza ubwo aba umukara mu maso, hafi, arimo agerageza kuririmba nk'abamarayika bamwe cyangwa ikindi kintu kindi nk'icyo, kandi munsi mu imbere muri iyo kanzu, hari ibiteye ubwoba, kwandura, umwanda... Kandi ushobora guhagarara ku gicaniro maze ukabivuga, ubwo azazamura umunwa hejuru, usize amarangi, ahite yisohokera muri iyo nyubako, avuge ati, "Ntabwo njya numva ibintu nk'ibyo." Ariko umunsi umwe uzataka uri ikuzimu urimo usaba ko bakugirira imbabazi. Ubwo uzaba wakerewe cyane. Ukwiriye kubyakira mu gihe ugifite amahirwe yo kubyakira. Kandi wowe... Oh, mbega

95 Ariko ibyiringiro byanjye nta kindi byubakiyeho kitari Amaraso ya Yesu hamwe no gukiranuka. Kandi ibizengurutse ubugingo bwanjye byose bigiye, ndetse buri mubwiriza akandeka, ndetse buri migenzo yose ikanyirukana, kandi nkaba ntafite ahantu na hamwe ho kujya, We ni ibyiringiro byanjye byose n'ubuturo. Kuri urwo Rutare, kuri Kristo icyo Gitare gikomeye niho mpamagaze, ahandi hose ni umucanga unyerera. Igihe kimwe ahari njye nzaba nshyinguwe mu gituro ahantu runaka, munsi y'inyanja aho ahari mu kidege cyakoze impanuka, cyangwa mbe naraguye muri gariyamoshi cyangwa mu modoka, aho byaba biri hose Imana izaba yantoranirije kugenda, ariko iki kintu, nzi ibi, ko nazirikiye ubugingo bwanjye muri aho hantu h'amahoro no kuruhuka hakurya mu Ijambo Ryayo. Ndabyizeye, ko iri ari Ijambo ry'Imana.

Imana igomba gucira isi urubanza ikoresheje ikintu runaka. Iramutse iciriye isi urubanza ikoresheje itorero, noneho ubwo ni irihe yakorasha kugira ngo iricire urubanza? Ubwo, nta kintu nk'icyo gihari cyakoreshwa Ica urubanza. Noneho hari ikintu kimwe cyasigaye, Ijambo Ryayo; ni iryiteka; ntacyo wakongeraho cyangwa ngo ugire icyo ukuraho.

96 Nazirikiye ubugingo bwanjye aho, hamwe no guca bugufi ko kurambika ikiganza cyanjye ku Gitambo cyanjye, nkatura ko ntari mwiza habe na agato. Ko nta kintu kiri muri njye. O Mwami Imana, unyohereze uwo Mesiya kuri njye maze uhindure kubaho kwanjye kucyo ndicyo maze undeme mu buryo Bwawe, uburyo Ushaka ko mba bwo.

Ntitaye uko watwika umubiri kose, uburyo wasenya umuntu kose, inshuro zingana iki ushobora kumuvuga nabi, cyagnwa icyo yavuga cyose, umunsi umwe Izatuzura nanone. Kandi hari Ubwami twakira budashobora guhanguka. Oh, mbega.

Kandi mwibuke, kubw'ibi bintu byiza byose turimo kwishimira, twicaye ahantu ho mu ijuru, ni umusogongero. Halleluya. Ni umusogongero ku bigiye kuza. Ni intangiro y'indirimbo iyo igomba… Oh, Halleluya. Muvuge kuri uku gusakuza, no kuramya, no guha Imana icyubahiro, no kuzamura Umwana w'Intama... Umunsi umwe igihe Abamarayika bahagaze aho ku isi, uko kuberama kw'isi, hamwe n'iyo mitwe yubitse, maze tukumva iryo tsinda rito ry'abogejwe n'Amaraso barimo baririmba indirimbo y'ubucunguzi kubw'Amaraso ya Yesu Kriso, O Mana, ndashaka kuba ndi muri bo. Reka mfate umwanya wanjye hamwe naryo ubu. Reka mfata ubwishingizi bwanjye; Yesu ni uwanjye; nzamufata hamwe n'Ijambo Rye. Yego.

97 Mu gusoza ndashaka kuvuga iyi nkuru nto kubwa Noheli, bityo kugira ngo abana babashe kuyifata. Kandi niba nabacumuje kubwo kuba natinze… Umugore umwe muto ejo hashize… Mwene Data Brown yabwirije hafi isaha, ikibwiriza cyiza cyane, icyo cyatumye uwo muntu asigwa. Aravuga ati, "Gusa yabatindije cyane." Pawulo yabwirije ijoro ryose. Bicaye aho kugeza ubwo batangira gusinzira, kandi ahari bari bicaye amasaha n'amasaha, kandi umuntu umwe maze arahanuka nuko ahita apfa. Kandi Pawulo amwubararaho, aravuga ati, "Ntimutinye." Noneho mwumve icyo kintu gikwiriye.

Hariho umuntu umwe wadodaga inkweto, kandi ndibwira ko hari mu budage aho yakoreraga inkweto ze. Nuko umunsi umwe igihe… Mu mwanya we wo kuruhuka yajyaga afata Bibiliya, maze akayisoma. Maze agasoma ibyanditswe ndetse ni icyo bivuga mu Byanditswe, kandi yari umunyakuri cyane. Aravuga ati, "Murazi," ati, "Igihe iyi Noheli itaha izaza, ntabwo nzigera nshana igiti cya Noheli." Ariko aravuga ati, "Muzi ibyo aribyo?" Aravuga ati, "Nzashaka ifunguro rinini, maze nteke... Nzotsa umwana w'intama, kandi nzashaka izo mbuto zinkeri, n'amasupu yanjye n'ibindi." Kandi yari we ubwe. Maze aravuga ati, "Nzabishyira ku meza. Maze ntumire Yesu maze aze ku meza hamwe nanjye. Ndashaka kumenya Mesiya w'Imana n'icyo nakora ngo mwubahe." Aravuga ati, "Nzakora ibi byose. Maze nzicara ku meza, maze mbisabire umugisha; kandi nzashimira Imana kubyo yampaye. Kandi noneho nzavuga nti, 'Mwami Yesu, ese ntiwaza maze ukicara hano, kugira ngo usangire nanjye iri funguro rya Noheli?'"

98 Guca bugufi, Imana igihe cyose Irakumva , ubunyakuri. Kandi uwo mudozi w'inkweto ushaje abika amafaranga ye kugira ngo azabone ifunguro nk'iryo, murazi, kandi yashakaga gutumira Umwami w'abami. Maze yicara aho, kandi yari yatetse, maze yicara aho ku meza. Maze aritunganya neza, aritaka ubwe, maze asokoza imisatsi. Maze yicara ku meza, maze ategura n'imeza ya Yesu, ndetse n'izindi ntebe zirengaho aho ati, "Zishobora kuba iz'intumwa," aravuga ati, "niba baribuzane."

Nuko uwo musaza yubika umutwe we, maze abisabira umugisha, kandi ashimira Imana kubw'ibyo byokurya. Maze aravuga ati, "Noneho, Yesu, ese ntiwaza nuko ugasangira na njye kubw'iri funguro rya Noheli? Kandi atangira kurya arimo areba intebe. Nta muntu waje. Arongera ararya gato, maze aravuga

ati, 'Mwami Imana, nagutumiye mu rugo iwanjye. Ese ntiwaza maze ukabana na njye?'" Maze atangira kurambura akaboko kandi afata icyo kurya, maze umuntu akomanga ku rugi.

Nuko ajya ku muryango. Yari umusaza, uhese intugu, wambaye ibicitse. Aravuga ati, "mugabo mwiza, ndakonje, ese wareka nkaza kugama?"

Aravuga ati, "Ngwino winjire." Maze arinjira, nuko yumva iyo mpumuro nziza y'ibyo byokurya; umunwa we wuzura amazi; arahindukira. "Ese wakwicara?" aravuga ati, "Ntegereje abandi baribuze ariko wakwicara maze tukaba dusangira kugeza igihe baribuzire?"

Aravuga ati, "Urakoze. Ndanezerewe." Maze aricara, maze bararya. Uwo musaza aramushimira, arahaguruka maze aragenda.

99 Kandi uwo mudozi w'inkweto arahindukira aho; aravuga ati, "Mwami Imana, kubera iki wampemukiye?" Aravuga ati, "Nateguye ibintu byose. Nakoze ibyo nzi byose uko bikorwa. (Niba ushobora gukora ibyo...) Nakoze ibyo nzi byose uko bikorwa, kandi natekereje ko uribuze maze tukagasangira." Maze atangira kurira; arihuta nuko agwa mu gitanda. Yari aryamye aho ku gitanda, arimo arira. "Nakoze ibyo ntekereza ko bikwiriye, Mwami, none kuki utaje ngo dusangire?"

Maze ijwi riza kuri we, maze yibuka Icyanditswe, "Ibyo muzagirira umwe muri aba bato Banjye, Ninjye muzaba mwagikoreye."

100 Yego, Irene… mumbabarire; yari mutagatifu Maritini. Umunsi umwe ukonje mbere ya Noheli, umukene warimo asabiriza yari aryamye aho mu muhanda, hakonje cyane. Abantu b'abakire bashobora kuba baranyuze aho, kandi bakabona uwo musabirizi ushaje bati. "Rero, ntacyo afite, ni umusabirizi gusa. Mumureke aryame hariya." Ariko Martini arahagarara maze aritegereza nuko abona ko abari bashoboye kumufasha, batabioze.

Hanyuma, Maritini ubwe ntiyari… Yizeraga Imana, ariko yari umusirikare. Yari afite ikote rimwe gusa. Maze aravuga ati, "Niba uyu musaza aryamye gutya, aribuze gukonja maze apfe." Nuko afata inkota ye, aca ikote rye mo kabiri, aragenda maze afubika uwo musabirizi ushaje muri icyo gice cy'ikoti rya na we yifubika ikindi gice, maze aravuga ati, "Usinzire amahoro, mwene Data." Arikomereza.

Maze iryo joro ari mu kigo, amaze guhanagura inkweto ze kandi aryamye aho, atangira gusinzira. Maze urusaku ruramukangura. Maze arareba, imbere ye hari hagaze umuntu, hari hahagaze Yesu yifubitse cya gice cy'ikote yambitse uwo musabirizi.

Ni iki nakora muri ibi bibazo noneho? Ni iki nkwiriye gukora muri ibi bintu byose nziko bikwiriye, ibi bintu byahamijwe kandi bikemezwa ko ari ukuri? Ni iki nakora? Mfubike Itorero, ntabwo ari umugenzo cyangwa idini, ahubwo mu Maraso ya Yesu Kristo binyuze mu Ijambo Rye. Uko niko Yesu yavuze ati, "Icyo muzakorera aba, ni Njye muzaba mugikoreye."

101 Reka dusenge. Mwami Yesu, iyo Uba uhagaze aha muri iki gitondo, Mwami… Ndabizi ko Uri mu ishusho y'umwuka. Ariko iyo uba uhagaze hano, mu buryo bufatika, ntabwo nibwira ko naribuhindure ikibwiriza cyanjye na gato. Nizera ko naribuvuge ibi bintu bimwe. Kandi ndizeye, Data wo mu ijuru, aba bantu bakoze badafite ibi byo kurya bisanzwe, bakaba bicaye aha maze bakumva ijwi rinaniwe kandi rivuga nabi, ariko iyo ujya kuba uhagaze hano... Ntibajya kuguma hano ukundi, uretse gusa ko bizera ko Uri hano, kubera ko ari Ijambo Ryawe. Birerekana ko bagukunda.

Turagushimira kubw'uku gusurwa k'Umwuka Wera ko kuri Noheli, ari ko kwatuyoboye kandi kukatwereka icyo Noheli ari cyo. Mu gihe tubona ko isi irimo gucikamo ibice, imikorere yayo ikaba irimo gusenyuka. Ariko turanezerewe cyane; turagushimira cyane ko dufite Ubwami kandi tukaba dufite n'Umwami, kandi ntibushobora guhanguka. Kandi igihe hazaba nta si ikiriho ukundi, igihe hazaba nta politiki ikiriho, igihe hazaba nta gihugu kikiriho, Imana izashyiraho Ubwami Bwayo, kandi abakiranutsi bazimana na We. Abo bari babaye ntibazongera kubabara ukundi.

102 Udufashe, Mwami, kuri iki gihe cya Noheli kugira ngo twibuke icyo Mesiya usize bisobanuye. Udufashe gusobanukirwa.

Uhe umugisha aba, iteraniro ryacu. Ube hamwe nabo, Data, kandi ubahe gukiranuka n'amahoro mu Mwuka Wera. Uhe umugisha pasteri wacu. Mwami, turamukunda, uyu mukozi w'intwari ukiranuka. Kandi arimo kuvuga umugoroba umwe, yaravuze ati, "Ndi hano, ndi hafi imyaka mirongwitandatu." Bafite abana bato cyane. Ariko wibuke, reka yibuke ibi, Mwami, ko nta kintu cyamukura hano kugeza ubwo Uzaba witeguye. Nuramuka utinze, ndasenze kugira ngo azabone abana be bashyingiwe maze bagire ingo zabo. Uhe umugisha umugore we w'igiciro, umujakazi wawe muto. Uhe umugisha abadiyakoni bacu n'abayobozi.

Kandi, Mana, ndagushimira iyi Noheli kubw'ibi byose, inshuti zanjye zagenze aho hose mu rubura, kandi banyura muri iyo mihanda inyerera n'imvura, maze bafata ibyo kubatunga, maze bagenda ibirometero amajana n'amajana. Mana, ntabwo nzi icyo kuvuga ukundi. Mfite ibyiringiro ko uri buhishure

ibisigaye byose, ibyo biri mu mutima wanjye. Kandi reka igihe cyose mbe ukiranuka, Mana, kuri ubu Bwami ubwo wadushyizemo. Reka ne kugambana, oya, yaba iburyo cyangwa ibumoso. Ndabyibuka neza ubwo wabimbwiraga noneho uti, "Ntubice iburyo cyangwa ibumoso; noneho inzira zawe zizarushaho gutera imbere. Noneho uzagira intsinzi nziza." Ahari ntabwo ari mumaso y'isi, kandi ntabwo nitaye kucyo isi itekereza ndashaka kumenya icyo Ushaka, Mwami. Kandi kwifuza Kwawe ni ukwacu... Ubushake bwawe nibyo byifuzo byacu. Oh, igito cyane mu byifuzo Byawe ni... ni ubuzima bwacu bukurikije amategeko, Mwami. Duhagaze nk'Itorero Ryawe.

103 Utubabarire ibyatubayeho mu mwaka wose, aho twakoze ibidakwiriye kandi tukaba twaratsinzwe ahantu henshi, maze uduhe imbaraga. Mwami. Kandi reka twe, kuri iki gihe cyo kwizihiza Noheli, reka dufungure imitima yacu kuri Mesiya, umusigwa w'Imana. Reka Aze mu buzima bwacu maze adusige, kandi abesheho Ubushake Bwe maze azane Ubwami Bwe kugira ngo busohore mu kubaho kwacu. Uduhe kugubwa neza, n'ubuzima bwiza.

Uhe umugisha iyi ntwari y'inshuti yanjye ya kera yicaye hano iruhande rwanjye, Mwene Data Arganbright. O Mana, mbega uko wabanye na we, kandi n'uburyo umutima we wagiye uwusya kandi ukawumenagura ibihe byinshi, ariko turacyizera ko yabyawe n'imbuto y'Ubugingo Buhoraho. Uhe umugisha umugore we muto. Ndatekereza Bud na Fred, njye, O Mana, mbega uko twagize ubu busabane bukomeye.

Turasenze ngo uduhe umugisha hamwe ubu. Uhe umugisha iri torero ryacu rito, aba bantu beza b'igiciro. Kandi umunsi umwe, Mwami, mu gihe tumeze gutyo… turashaka ko amaso yacu yezwa ku bintu by'isi, kugira ngo tubashe kureba gusa Imana n'Ubwami Bwayo, kugira ngo umunsi umwe tuzagaragazwe imbere ya Kristo, nta mugayo, nk'abari badafite inege, turi igice cy'Itorero rikomeye iryo riza imbere Ye.

104 Kandi noneho dutegereje imbere igihe Uzashyiraho Ubwami Bwawe ku isi, abantu bagaragara hamwe n'ingo zigaragara; kandi ntabwo bazatera ngo undi aza arye, ahubwo bazabaho iteka. Kugeza icyo gihe, reka tube amatara ari ku mpinga y'umusozi, tube urumuri rumurikira buri kintu kituzengurutse, binyuze mu buzima bukiranuka, bwejejwe binyuze mu Maraso ya Kristo. Biduhe, Data. Mu Izina rya Yesu dusenze.

Kandi, Mwami, kuri utu dutambaro, nyuma y'uko dusengeye abarwayi kandi tukarambika ibiganza kuri bo, twifatanije na bo, ndambitse ibiganza byanjye kuri utu dutambaro, nunze amasengesho yanjye ku Mana. Kandi hamwe n'utu dutambaro kandi hamwe n'abantu, Mana, ndasenze kugira ngo ukize buri wese muri aba bantu abo utu dutambaro duhagarariye. Reka bagire ubuzima bwiza kandi ubahe imbaraga mu mwaka uza, Data. Kubw'icyubahiro n'ubwiza bw'Imana, tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

105 Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda

Maze ambonera agakiza kanjye

I Karuvali ku giti.

Noneho, mu gihe twongera kuririmba, reka turamukanye n'umuntu utwegereye. Tugume twicaye.

Ndamukunda, ndamukunda

Kubera ko… (Umwami abahe umugisha, mushiki wacu… Imana ibahe umugisha, Mwene Data...)

Noneho, hamwe n'ibiganza byanyu bizamuye kuri We.

Ndamukunda… (noneho turirimbe cyane) Ndamukunda (uko ni ukuri.)

Kubera ko Yabanje kukunda

Maze ambonera agakiza kanjye

I Karuvali ku giti.

Kandi noneho, hamwe n'iri jambo, twese hamwe. Twakiriye Ubwami [Iteraniro risubiramo riti, "Twakiriye Ubwami"—Ed.] Ubwo budashobora guhanguka ["ubwo budashobora guhanguka"]. Amena.

106 Noneho, reka duhaguruke. Noneho, tuzamure ibiganza byacu n'imitima yacu ku Mana hamwe no gushimira ubu, nyakuri, imitima yacu yose, "Ndamukunda." Kandi reka tubimubwire muri iki gihe cya Noheli.

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda

Maze ambonera agakiza kanjye

I Karuvali ku giti.

Gahunda y'umubatizo irahita ikurikiraho aka kanya niyo iribukurikire ibi. Kandi mwe mugomba kugenda, turabashimiye cyane kuba mwabaye aha, kandi reka mwe mugume iteka muri ubwo Bwami ubwo budashobora guhanguka. Mu gihe twubitse imitwe yacu mu kanya ko gusenga, ngiye gusaba mwene Data Arganbright niba ashobora kuzamuka hano maze agasezerera iteraniro mu isengesho.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7